# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

Nº. E-56 TARIKI 7 - 13 MATA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw Ikiguzi 1000 Frw




AMAKURU
Imyitwarire y'Ingabo z'u Rwanda yavuye mu bihe bikomeye - Perezida Kagame

11

AMAKURU
Ubumwe ni yo ntwaro izafasha Abanyarwanda gutsinda amacakubiri - Jeannette Kagame

4

AMAKURU
U Rwanda rwagaye amahanga arebera FDLR igarura Jenoside muri RDC

6

MU NTARA
Nyamasheke: Imibiri 2 y'Abazize Jenoside yashyinguwe mu cyubahiro

18

# Kwibuka Abanyapolitiki bishwe muri Jenoside ni uguha agaciro ubuzima bwabo – Perezida wa Sena

**KAMALIZA Agnes**

***Perezida wa Sena, Dr Kalinda François Xavier yagaragaje ko kwibuka Abanyapolitiki bishwe bazira kutavuga rumwe n'ingoma y'igitugu ya Perezida Habyarimana Juvenal yarangwaga n'amacakubiri yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ari ukuzirikana ubutwari bwabo no kubaha igitambo cy'ubuzima bwabo.***

Kuri uyu wa 13 Mata 2026, ubwo hasozwaga Icyumweru cy'icyunamo cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero mu Karere ka Kicukiro, Dr. Kalinda yagaragaje ko kwibuka abanyapolitiki bahashyinguye ari ukubaha igitambo cy'ubuzima bwabo.

Dr. Kalinda yavuze ko abo banyapolitiki bemeye guhara ubuzima bwabo kugeza bishwe bazira kurwanya Jenoside yakorewe Abatutsi na politiki y'amacakubiri no kubiba urwango mu Banyarwanda, bityo kubibuka bibasubiza agaciro bambuwe, kubaha ubutwari ndetse n'ubwitange bwabaranze.

Ati: "Kwibuka Abanyapolitiiki bishwe bazira kurwanya amacakubiri n'itegurwa ry'umugambi wa Jenoside ni umwanya wo kubaha ubutwari n'ubwitange bagaragaje bahitamo gushyira imbere ubumwe n'imiyoborere ishingiye ku butabera. Abo banyapolitiki baruhukiye muri uru Rwibutso

KOMEZA KU RUP.3



Perezida wa Sena, Dr. Kalinda Francois Xavier yunamiye Abanyapolitiki bazize kwamagana amacakubiri yagejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

## Harifuzwa ko inzibutso za Bigogwe na Nyundo zashyirwamo ibimenyetso by'amateka

**NGABOYABAHIZI PROTAIS**

***Abafite ababo bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, baruhukiye mu nzibutso za Bigogwe na Nyundo mu Karere ka Rubavu, barasaba ko hashyirwamo ibimenyetso by'amateka yanditse kugira ngo amateka akomeze kubungwabungwa ngo azanamenywe n'abazavuka nyuma.***

Bavuga ko nubwo izi nzibutso zifite agaciro

KOMEZA KU RUP.3

# Kwibuka 32: Minisitiri Nduhungirehe yasabye urubyiruko kwirinda amacakubiri



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier

**NTAWITONDA Jean Claude**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe yasabye urubyiruko kubana neza, kwirinda amacakubiri n'ingengabitekerezo ya Jenoside kuko ari byo byagejeje u Rwanda ku mateka mabi ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Yabigarutseho ku wa 9 Mata 2026 ubwo yifatanyaga n'urubyiruko, n'abandi bayobozi mu nzego za Leta barimo Minisitiri w'Urubyiruko n'Iterambere ry'Ubuhanzi, Dr. Utumatwishima Jean Nepo Abdallah mu mugoroba wo kwibuka wabereye ku rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi rwa Nyanza ya Kicukiro.

Uyu mugoroba wateguwe n'Umuryango Our Past Initiative hagamijwe kwigisha abakiri bato amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, witabiriwe n'abiganjemo urubyiruko basaga 12,000. Minisitiri Nduhungirehe yavuze ko kubana neza no kwimakaza ubumwe mu bakiri bato ari ikintu cya ngombwa kandi bigomba guhora bishyizwe imbere.

Yagize ati: "Mwebwe urubyiruko mugomba kurangwa no kubana neza, kutavangura, kutagira ingengabitekerezo ya Jenoside ari yo yatumye Jenoside yakorewe Abatutsi iba. Icyo ni ikintu cya ngombwa mukwiye kuzirikana, ubumwe bw'Abanyarwanda, ubworoherane, kumva ko Abanyarwanda turi bamwe tugomba kubishyira imbere."

Yibukije urubyiruko ko mu gihe babonye bagenzi babo cyane cyane ababa mu mahanga barangwa n'ingengabitekerezo ya Jenoside, kujya babamagana bakababwira bati: "Musigeho! Ibyo mwakoze cyangwa ba so bakoze birahagije…"

Berwa Melissa, umwe mu basore n'inkumi bitabiriye umugoroba wo kwibuka32, yavuze ko yarushijeho gusobanukirwa amateka, ati: "Iyo duhuriye hamwe nk'uku, turushaho gusobanukirwa amateka yabaye mu Gihugu cyacu, tukamenya byinshi kuri Jenoside yakorewe Abatutsi ibi bizadufasha kwigisha natwe abana bacu kugira ngo ibyabaye bitazongera kubaho."

Kwizera Nestor Kelly na we yavuze ko kwiga amateka birushaho gutuma asobanukirwa ibyabaye nubwo atari yaravutse. Ati: "Ibyabaye byari bibi, sinari mpari ariko iyo tubwiwe cyangwa twigishijwe amateka turushaho gusobanukirwa uko Jenoside yateguwe ndetse n'uko byagenze, cyane ko yakozwe n'urubyiruko. Na njye ndi urubyiruko kandi ni twe tugomba kurinda Igihugu cyacu."

Umuyobozi wa Our Past Initiative, Christian Intwari yavuze ko gushinga uyu Muryango byaturutse ku kuba barashakaga kwiga amateka ndetse bakayigisha n'abagenzi babo.

Yakomeje agira ati: "Twatangiye iki gikorwa tubizi neza ko dufite urugendo runini, dufite inshingano ababyeyi baduhaye bamwe bari hano, bamwe ni abayobozi, yo kugira ngo dufate inkoni baduhaye yo kugera ikirenge mu cyabo. Ubuzima bwacu butangirana n'Inkotanyi zivuga ngo Impore ntugipfuye."

Yashimiye ubuyobozi bwa Leta y'u Rwanda budahwema kubashyigikira kandi anizeza ko bazakomeza gukora ibyo bashoboye byose batanga umusanzu wabo mu gufatanya n'abandi kubaka u Rwanda. Our Past Initiative ikora ibikorwa bitandukanye harimo gusana no kubakira abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi, gufasha abatishoboye n'ibindi bikorwa bifitiye Igihugu n'Abanyarwanda muri rusange akamaro.



Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Mukantaganzwa Domitilla

# Mukantaganzwa yasabye abacamanza n'abanditsi b'inkiko kwirinda ruswa n'ibisa na yo

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga akaba na Perezida w'Inama Nkuru y'Ubucamanza mu Rwanda, Mukantaganzwa Domitilla yakanguriye abacamanza n'abanditsi b'inkiko kwihatira kugira ubunyamugayo kandi bakirinda ruswa n'indi myitwarire mibi iyiganisha, kuko ituma batanoza inshingano zabo kandi bigasubiza inyuma ubutabera.***

Ni ubutumwa yatanze ku wa Gatanu tariki ya 10 Mata 2026, ubwo yakiraga indahiro y'abacamanza 10 n'abanditsi b'inkiko 16 baheruka kwemezwa n'Inama Nkuru y'Ubucamanza.

Yagize ati: "Murabizi ko mu Gihugu cyacu serivisi nziza ari yo igomba kuturanga, tukakira abaturage neza, tukababuranisha neza, dukurikije amategeko.

Abafite ibyo batubaza, ubwo ndavuga abanditsi, tukihatira kubwira abaturage neza, kandi tukabaha ibyo tubagomba mu buryo bukwiriye."

Uwo muyobozi yashimangiye ko abo basanzwe ari inyangamugayo ari na yo mpamvu batoranyijwe n'inama nkuru y'Ubucamanza.

Ati: "Kuba inyangamugayo byo ntabwo nabibasaba, iyo muba mutari zo ntabwo muba mwarahiye. Icyo tubasaba ni ugukomerezaho, ruswa yo murabizi ko ari ikizira ntabwo yemewe n'imyitwarire yose iganisha kuri yo."

Mukantaganzwa yijeje abo barahiye ko inama nkuru y'ubucamanza izakomeza kubashyigikira muri byose, ya mu kazi gasanzwe no mu gihe bahuye n'ibibazo bagafashwa kubikomera.

Ati: "Akazi mugiyemo bisanzwemo bagenzi banyu, haba mu rukiko mugiye gukoreramo cyangwa se no mu zindi nkiko nkuru n'isanzwe, twese duhuje inshingano n'intego, ntihazagire uwirengera ikimugoye. Mujye mwibaka kujya inama no kuganira ni byo byubatse iki gihugu".

Hodari Edgar, Umucamanza mu rukiko rukuru yahamije ko agiye gufatanya na bagenzi be gutanga sirivisi zinoze zishingiye ku myitwarire myiza izira ruswa.

Yagize ati: "Tugomba gutanga ubutabera, tugatanga serivisi nziza ku batugana ku Bunyarwanda bose, kubera ko nk'abacamanza tugomba kuba inyangamugayo kandi buri muntu wese mu kazi akora ni cyo asabwa."

Uwera Mireille Marceline, we warahiriye muri abo bacamanza n'abanditsi b'inkiko zitandukanye yashimangiye ko biyemeje gukora ibikorwa byiza biteza imbere ubutabera by'umwihiri.

Yagize ati: "Tugomba gutanga serivisi nziza tugateza imbere ubutabera, tuzirirrza ruswa."





# Kwibuka Abanyapolitiki bishwe muri Jenoside ni uguha agaciro ubuzima bwabo – Perezida wa Sena

IBIKURIKIRA URUP.1

turifatanya n'imiryango yabo kubunamira tubasubiza agaciro bambuwe. Kubibuka ni ukubaha igitambo cy'ubuzima bwabo."

Perezida wa Sena yagaragaje ko kubazirikana byibutsa ko ubuyobozi bufite inshingano zo kurengera ubuzima bw'abaturage bose, kurwanya ivangura no guharanira ubutabera. Yongeyeho ko kubaha ubwo butwari bwabo ari uburyo bwo kwigira ku mateka no gukomeza kubaka Igihugu kirangwa n'ubumwe, amahoro n'imiyoborere myiza.

Dr. Kalinda yagaragaje ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda, ikicirwamo abarenga miliyoni, itari kubaho iyo hatabaho umugambi muremure wo kuyitegura, wagizwemo uruhare n'Abanyapolitiki babi, uranozwa, ukorerwa igeregezwa mu bihe bitandukanye hirya no hino mu gihugu.

Yongeyeho ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi ni umusaruro w'uruhererakane rw'amateka y'ubuyobozi bubi uhereye ku bukoloni bwahungabanyije ubumwe bw'Abanyarwanda, bubaremamo amacakubiri ashingiye ku moko hamwe n'ubutegeti bwa Repubulika ya mbere n'iya kabiri bwashingiye imiyoborere y'Igihugu kuri ayo macakuburi."

Yavuze ko ivangura no guheza Abatutsi muri gahunda z'Igihugu byagizwe politiki y'imiyoborere ndetse bishyirwa no mu itegeko nshinga ryo mu 1991, ryagaragazaga mu buryo butaziguye gushyira imbere imiyoborere ishingiye ku iheza n'ivangura.

Dr. Kalinda yavuze ko amashyaka ya politiki n'Abanyepolitiki bateguye



Perezida wa Sena, Dr. Kalinda Francois- Xavier

umugambi wa politiki ya Jenoside igihe kirekire bawushyira mu miyoborere y'Igihugu, babyigisha abaturage bakoresheje kubacengezamo ingengabitekerezo yayo.

Yongeyeho ko kumenya uruhare rw'Abanyapolitiki mu mugambi mubisha wa Jenoside ari ingenzi mu rwego rwo kumenya uko yateguwe nuko hakomeza kurwanywa ingengabitekerezo yayo. Yagize ati: "Ni ingenzi mu rwego rwo kugaragaza ukuri kwa Jenoside yakorewe Abatutsi, kugaragaza ko yateguwe ndetse ni uburyo twakoresha bwo guhangana n'ihakana n'ipfobya ryayo ndetse no gukumira ko yasubira kubaho haba mu Rwanda n'ahandi."

Perezida wa Sena Dr. Kalinda yongeyeho ko nyuma yuko Jenoside yahagaritswe n'Ingabo za FPR Inkotanyi, Abanyarwanda bahisemo gukura amasomo mu mateka ya Jenoside biyubakira Igihugu kizira ivangura n'amacakubiri. Yavuze kandi ko u Rwanda rushyize imbere politiki y'imiyoborere myiza ishyira imbere ubumwe bw'Abanyarwanda, itanga amahirwe angana ku Banyarwanda bose ntawusigajwe inyuma.

Dr. Kalinda yasabye Abanyarwanda gukomeza ubumwe ndetse bakarwanya imvugo zihembera urwango n'ingengabitekerezo ya Jenoside zikomeje kugaragara mu Karere u Rwanda ruherereyemo.

# Harifuzwa ko inzibutso za Bigogwe na Nyundo zashyirwamo ibimenyetso by'amateka

IBIKURIKIRA URUP.1

gakomeye mu kwibuka, kuba nta bimenyetso bigaragaza amateka yaziranze bihari, bituma hari impungenge ko amateka ashobora kuzagenda azimira uko abayirokotse bagenda basaza.

Umwe mu barokotse Jenoside utuye mu Murenge wa Nyundo yagize ati: "Turasaza, abazi neza ibyabaye bagenda bagabanyuka. Iyo ugiye ku rwibutso ugasanga nta mateka ahari, birababaje kuko n'abana bacu ntibazamenya ibyabaye hano neza, kuko nta kimenyetso kigaragara gihari."

Undi warokotse Jenoside wo mu gace ka Bigogwe na we yagaragaje impungenge nk'izo, agira ati: "Twifuza ko hashyirwaho ibimenyetso bisobanura amateka y'aha hantu. Nituramuka tudahari, amateka azabura uyavuga neza, kandi ni ngombwa ko akomeza kubaho, no kumenyekana, kandi ibitagira ibimenyetso birazimira."

Perezida wa Ibuka mu karere ka Rubavu, Mbarushimana Gerard, ashimangira ko gushyira ibimenyetso by'amateka muri izi nzibutso ari ngombwa kandi bikwiye




Urwibutso rrwa Bigogwe rukeneye ibimenyetso bigaragaza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

kwihutishwa.

Yagize ati: "Ni ingenzi cyane ko izi nzibutso zishyirwamo amateka yanditse kandi asobanutse. Ibi bizafasha cyane urubyiruko gusobanukirwa amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, kuko abazi ayo mateka bageze mu za bukuru. batagihari, amateka ashobora kuzimira, ndifuza ko iki kibazo ubuyobozi bukibonera umuti byihuse."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Rubavu buvuga ko iki kibazo bukizi kandi hari gahunda yo kugikemura mu buryo burambye.

Yagize ati: "Tuzabanza twemeranye ku mateka agomba gushyirwa muri buri rwibutso, yaba urwa Bigogwe n'urwa Nyundo. Turateganya kuzabikora icyarimwe, ntituzabanze rumwe ngo dukurikizeho urundi. Umwaka w'ingengo y'imari utangira muri Nyakanga, tuzatangira gukora inyigo, hanyuma dushyireho isoko ryo kubishyira mu bikorwa."

Urwibutso rwa Nyundo rumaze imyaka 10 rwubatswe, rukaba ruruhukiyemo imibiri isaga 1,000 y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu gihe urwa Bigogwe rumaze imyaka ibiri gusa rwubatswe, ruruhukiyemo imibiri isaga ibihumbi 9.

Abaturage n'abarokotse Jenoside bakomeje gushimangira ko gushyiraho ibimenyetso by'amateka muri izi nzibutso atari ugusigasira amateka gusa, ahubwo ari n'inzira yo gukomeza kwigisha no kurinda ko Jenoside yakongera kubaho ukundi.



Urwibutso rwa Nyundo abafitemo ababo baharuhukiye bifuza ko hajya ibimenyetso bigaragaza amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# Ubumwe ni yo ntwaro izafasha Abanyarwanda gutsinda amacakubiri - Jeannette Kagame

KAMALIZA Agnes

***Madamu Jeannette Kagame akaba n'Umuyobozi Mukuru w'Umuryango Unity Club Intwararumuri yagaragaje ko ubumwe bw'Abanyarwanda ari yo ntwaro izakomeza gufasha gutsinda amacakubiri, ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byose byashaka gusubiza Igihugu mu icuraburindi.***

Ubutumwa bwashyizwe hanze n'uwo muryango ku wa 09 Mata 2026, bwatanzwe na Madamu Jeannette Kagame yagaragaje ko u Rwanda ruzirikana amateka ashariye rwanyuzemo kandi rwunamira ruha agaciro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yashimangiye ko intego ari ugutahiriza umugozi umwe harwanywa ingengabitekerezo ya Jenoside n'amacakubiri mu buryo bwose kandi nta n'umwe ukwiye kuvutswa ubuzima azira uko yaremwe.

Yagize ati: "Guharanira kubaho ni urugamba rwa buri munsi. Ubumwe bwacu ni yo ntwaro izakomeza kudufasha gutsinda amacakubiri, ingengabitekerezo ya Jenoside n'ibindi byose byototera kongera gusenya Igihugu cyacu. Ubunyarwanda ni igihango dufitanye n'Abacu twibuka."

Umuyobozi Mukuru w'Intwararumuri kandi yagaragaje ko imyaka 32 ishize Abanyarwanda bibuka kandi badaheranwa ahubwo biyubakamo imbaraga no gukomeza Abarokotse.

U Rwanda ruri mu cyunamo cy'iminsi 100 hibukwa abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yasize abarenga miliyoni bishwe bazira uko baremwe.

Umuryango Unity Club Intwararumuri washibutse ku bitekerezo bya Madamu Jeannette Kagame hagamijwe kongera kubaka u Rwanda rushya nyuma yo gushegeshwa na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ukaba warashinzwe muri Gashyantare 1996, wiha intego yo kwimakaza umuco w'Ubumwe n'Amahoro.




Umuyobozi Mukuru wa Unity Club Intwararumuri, Madamu Jeannette Kagame

# U Rwanda rwahisemo inzira y'ubumwe n'ubwiyunge - Amb. Busabizwa

NTAWITONDA Jean Claude

***Ambasaderi w'u Rwanda muri Repubulika ya Congo (Congo -Brazzaville) Parfait Busabizwa, yibukije ko u Rwanda rwahisemo inzira y'ubumwe n'ubwiyunge, rushyiraho ingamba zirimo Inkiko Gacaca na gahunda ya Ndi Umunyarwanda, zafashije mu kubaka igihugu gitekanye kandi cyunze ubumwe. Yabigarutseho mu muhango wo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wabereye kuri Mémorial Pierre Savorgnan de Brazza, witabirwa n'abantu barenga 350.***

Iki gikorwa cyateguwe na Ambasade y'u Rwanda muri Repubulika ya Congo, ku bufatanye n'Abanyarwanda bahatuye, abitabiriye bakaba barimo abayobozi bakuru ba Leta ya Congo, abahagarariye ibihugu byabo n'Imiryango Mpuzamahanga, imiryango itegamiye kuri Leta, ibigo by'ubucuruzi ndetse n'inshuti z'u Rwanda.

Leta ya Congo- Brazzaville yari ihagarariwe na Bwana Gilbert Mokoki, Ministiri ushinzwe Kugenzura Ibikorwa bya Leta, Kuzamura Ireme mu mitangire ya Serivisi za Leta, Kurwanya Ruswa n'Akarengane.




Amb. Busabizwa Parfait mu gikorwa cyo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Uyu muhango watangijwe n'umunota wo kwibuka no guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hacanwa kandi urumuri rw'icyizere, aho urubyiruko ruri munsi y'imyaka 20 rwatanze ubutumwa bujyanye n'insanganyamatsiko yo "Kwibuka Twiyubaka."

Nanone kandi, Ambasaderi Parfait Busabizwa yashimiye abitabiriye iki gikorwa, ashimangira ko kwibuka ari uguhesha icyubahiro abazize Jenoside, gukomeza abarokotse no gushima ingabo za RPF - Inkotanyi zabohoye igihugu ziyobowe na Nyakubahwa Perezida wa Repubulika Kagame Paul.

Yagarutse ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, agaragaza ko yari umugambi wateguwe ushingiye ku rwango n'amacakubiri, anenga ipfobya n'ihakana bikomeje kugaragara mu bice bitandukanye by'Isi, cyane cyane hifashishijwe imbuga nkoranyambaga. Yasabye ibihugu gukaza ingamba zo kubirwanya, hashyirwa mu bikorwa amasezerano mpuzamahanga n'imyanzuro y'umuryango w'Abibumbye mu guhana abahakana Jenoside.

Ambasaderi Busabizwa yanagaragaje ko kwibuka bitarangirira mu mateka gusa, ahubwo ari inshingano yo kubaka ejo hazaza.

Yakomeje asobanura ko nubwo hari intambwe imaze guterwa, hakiri imbogamizi zishingiye ahanini ku ngengabitekerezo ya Jenoside ikomeje kugaragara mu Karere, aho imitwe nka FDLR ikomeje gukwirakwiza urwango no guhungabanya umutekano mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, hibasirwa Abatutsi n'Abanyamulenge.

Yasoje asaba buri wese kwigira ku mateka kugira ngo Jenoside itazongera kuba ahandi hose ku Isi, anakangurira amahanga kudahishira no guhana abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi bari ku butaka bwabo. Yanashimiye Repubulika ya Congo ku mubano mwiza n'ubufatanye bukomeje hagati yayo n'u Rwanda.

Muri uwo muhango kandi, hasomwe ubutumwa bw'Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, António Guterres, bwatanzwe n'uhagarariye uwo Muryango, Gon Myers.

Muri uyu muhango hanerekanwe filime mbarankuru: *"Génocide au Rwanda – Louise Mushikiwabo: 'Ma revanche? Je me suis forcée à vivre pour les victimes"* ndetse havugwa n'imivugo irimo *"La minute de silence"* wakozwe na Dr Appolos N. wagarutse ku byo yabonye mu Rwanda Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 igihagarikwa.

Havuzwe kandi umuvugo wiswe *«Enfant de la Lumière»* wakozwe na Kundwa Ayan, washimangiraga ko nk'urubyiruko, amateka atagomba kubaherana ahubwo ari bo bagomba kuyigiraho bakubaka ejo heza hatarangwa n'urwango, n'amacakubiri.





# Dr. Bizimana yanenze Abanyamakuru batigira ku mateka ya Jenoside



Hibutswe Abanyamakuru bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

MUTETERAZINA Shifah

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, yanenze Abanyamakuru batakuye amasomo ku macakubiri yagejeje u Rwanda kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Ni bimwe mu byo yagarutseho ku mugoroba wo ku wa Gatanu tariki 10 Mata 2026, ubwo yari yifatanyije n'abanyamakuru hamwe n'imiryango y'abari abanyamakuru bazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyabereye ku cyicaro cy'Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru, RBA.

Dr. Bizimana yibukije abanyamakuru n'abanyapolitiki bo mu Rwanda ko badakwiye kwirengagiza amateka y'Igihugu ngo barebere ababiba urwango n'amacakubiri.

Yagize ati: "Mu Gihugu cyabayemo Jenoside gifite amateka akakaye y'irondabwoko, irondakarere na Jenoside yakorewe Abatutsi nta munyamakuru cyangwa umunyapolitike wagombye kwitwara nkaho ari mu gihugu kidafite uyu mwihariko."

Yongeyeho ati: "Biragaragara ko hari abanyamakuru n'abiyita abanyapolitike bafite umurengwe batita ku mwihariko w'irondabwoko n'ubukana bwa Jenoside yakorewe Abatutsi yabaye muri iki Gihugu. [...] Nigeze kuvuga kuri Ingabire Victoire n'ibyaha yahamijwe n'inkiko ariko hari abanyamakuru bagiye baranyikoma kubera ko navuze umuntu w'inshuti yabo ubaha amafaranga, umunyamakuru ujya gukora inkuru arengera ibyaha byakozwe na Ingabire ntaho atandukaniye n'abasakaje imvugo z'urwango."

Yanenze kandi bamwe mu bavuga ko akoresha imvugo imeze nk'iya Dr. Léon Mugesera wakanguriye iyicwa ry'Abatutsi mbere gato ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ashimangira ko ibyo bavuga nta kuri kurimo kuko azi ububi bwa Jenoside n'amagambo akwiye gukoresha.

Yagarutse ku ruhare rukomeye rwa Joseph Serugendo, uri mu bashinze radiyo RTLM akaba n'Umujyanama mu bya Tekiniki kuri iyo radiyo, muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ati: "Serugendo yari mu nterahamwe zari zikaze. Serugendo yari umuhanga mu bintu bya tekiniki ya radiyo, ni we wari umuyobozi mu bya tekinike kuri radiyo Rwanda noneho bamuha RTLM akajya abihuza byombi. Ni na we wagiriye inama RTLM ku bikoresho igomba kugura mu Budage. [...] n'amashanyarazi ya RTLM yahujwe na perezidansi ya Repubulika kugira ngo RTLM itajya ibura amashanyarazi, ibyo byatumaga RTLM ikora igihe cyose."

Uyu munyamakuru yahamijwe ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi ku itariki 12 Kamena 2006, urukiko rumukatira gufungwa imyaka 6. Mu byaha byamuhamye, harimo icyo guhamagarira abantu gukora Jenoside, guhamagarira abantu kwica Abatutsi byakorwaga nta rujijo biteye, kandi bigakorwa ku mugaragaro. Ibyo yabikoze mu mugambi utihishiriye wo gukora Jenoside.

Ibi byaha byose umunyamakuru Serugendo yarabyemeye kandi abisabira imbabazi. Minisitiri Dr. Bizimana avuga ko Serugendo kimwe n'abandi banyamakuru batigeze bafata gerenade ngo bazitere mu bantu, ntibafashe imbunda ngo barase, ndetse ntibanafashe ntampongano y'umwanzi ahubwo ngo bicishije amagambo n'inyandiko.

Agira ati: "Umunyamakuru akenshi yicisha amagambo, yicisha inyandiko kandi amagambo arica."

Akangurira abanyamakuru kwigira kuri bagenzi babo beza bahisemo kurengera umwuga wabo, baricwa kubera kwanga gukwirakwiza urwango no kwanga kurebera akarengane.

Dr. Bizimana yibukije umuhungu wa Habyarimana, Habyarimana Jean Luc, ko kuvuga ko Jenoside itateguwe kandi itangazamakuru ryakoreraga mu gihugu cyayoborwaga na se Habyarimana Juvénal Ari ugukina kandi nk'Abanyarwanda batazemera kugoreka amateka.

Umuyobozi Mukuru w'Urwego rw'Igihugu rw'Itangazamakuru, RBA, Barore Cléophas, yavuze ko abanyamakuru bishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bahowe uko bavutse n'urwango Abatutsi bari bafitiwe.

Yagize ati: "Kuba bari ibimenywabose, kuba barakoraga ibyakundwaga ntibyabarengeye ahubwo byabaye impamvu yo guhigishwa uruhindu."

Dan Ngabonziza, Umuyobozi w'Ishyirahamwe ry'Abanyamamakuru mu Rwanda (ARJ), yashimye Ubuyobozi bukuru bw'Igihugu cyahaye Abanyamakuru amahirwe yo kwisanzura no kubaka itangazamakuru rishingiye ku ndangagaciro z'ubunyarwanda. Icyakoze asaba Abanyamakuru kudapfusha ubusa ayo mahirwe.




Muri Mozambique, inzego z'umutekano zaho n'iz'u Rwanda ziri mu butumwa bw'amahoro zifatanyije kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

# Inzego z'umutekano z'u Rwanda muri Mozambique zibutse Jenoside yakorewe Abatutsi

IMVAHO NSHYA

***Inzego z'umutekano z'u Rwanda ziri mu butumwa bwo kugarura amahoro mu Ntara ya Cabo Delgado muri Mozambique (RSF-5), inzego z'umutekano z'iki gihugu, abayobozi ba Leta ndetse n'abahagarariye Sosiyete ya TotalEnergies, bifatanyije mu kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Ni igikorwa cyabaye ku wa 7 Mata 2026, cyitabirwa n'abayobozi barimo Umuyobozi wungirije w'Ingabo za Mozambique (FADM), Brig Gen Tomás Mponha, Bwana Savio uhagarariye TotalEnergies GP, hamwe n'abayobozi b'amadini atandukanye batuye mu Karere ka Mocímboa da Praia.

Umuyobozi w' Inzego z'Umutekano z'u Rwanda (JTFC), Brig Gen CM Mujuni, yagaragaje akamaro ko kwibuka, avuga ko ari umwanya wo kwibutsa abantu bose kurwanya no gukumira icyatuma Jenoside yongera kubaho. Yavuze ko Jenoside yakorewe Abatutsi yatewe n'ingengabitekerezo y'amacakubiri yashibutse ku ngaruka z'ubukoloni n'imiyoborere mibi yakurikiyeho mu Rwanda.

Politiki z'amacakubiri zatumye hicwa Abatutsi barenga miliyoni imwe mu minsi 100 gusa, mu gihe amahanga yareberaga. Yanagaragaje ko iyo hatabaho ubutabazi bw'Ingabo za RPA, n'abarokotse na bo baba barishwe. Brig Gen Mujuni yongeye gushimangira ko u Rwanda rwiyemeje gukomeza kubaka ubumwe n'amahoro no guharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi.

Mu izina ry'intumwa za Mozambique, Brig Gen Tomás Mponha yavuze ko amateka y'u Rwanda, cyane cyane Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, atanga amasomo akomeye kuri Mozambique by'umwihariko no ku Isi muri rusange.

Yanashimiye ubwitange bwagize uruhare mu guhagarika Jenoside, anashima uruhare Ingabo z'u Rwanda zikomeje kugira mu kurwanya iterabwoba mu Ntara ya Cabo Delgado muri Mozambique.

Icyo gikowa cyasojwe no gukurikira ubutumwa bukomeye bwibutsa akamaro ko kwibuka, ubumwe n'ubufatanye mu kubungabunga amahoro n'umutekano, bwatanzwe na Perezida Paul Kagame.

# U Rwanda rwagaye amahanga arebera FDLR igarura Jenoside muri RDC

NTAWITONDA Jean Claude

***Nyuma y'imyaka 32 ishize mu Rwanda hahagaritswe Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa, ibimenyetso byaranze itegurwa n'ishyirwa mu bikorwa ryayo bikomeje kugaragara mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).***

Guverinoma y'u Rwanda yongeye kugaragaza uburyo amahanga akomeje kwirengagiza ibimenyetso bya Jenoside bikomeje kugaragara muri kiriya gihugu gicumbikiye abasize bakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda bashinze imitwe yitwaje intwaro yaje kuvamo uw'iterabwoba wa FDLR wamenesheje Abanyekongo mu myaka igera kuri 30 ishize.



Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr Bizimana Jean Damascene

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu Dr. Bizimana Jean Damascene, yavuze ko FDLR ikomeje guhabwa icyicaro muri Congo mu gihe Loni imaze imyaka igera kuri 20 iwufatiye ingamba zo kuwurandura burundu. Yavuze ko n'ubu amahanga yirengagiza impunzi z'Abanyekongo zimaze imyaka isaga 30 mu buhungiro zameneshejwe n'abarwanyi ba FDLR bagizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ati: "Nyamara Umuryango w'Abibumbye wafashe ibyemezo byinshi byerekana ko FDLR ari umutwe w'Iterabwoba ugomba guseswa. Nk'icyemezo 1804 cyafashwe mu mwaka wa 2008, kibivuga gutya: *Duhangayikishijwe n'uburambe bw'ibyaha bibangamira uburenganzira bwa muntu n'ibinyuranyije n'amategeko mpuzamahanga bikorwa na FDLR, Ex-FAR, Interahamwe, n'indi mitwe yitwaje intwaro ikomoka mu Rwanda, ikorera mu burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).*

*Dutegetse ko bashyira hasi intwaro aka kanya, nta mananiza ayo ari yo yose bakajyanwa aho bakomoka. Turasaba ibihugu byose bigize Umuryango w'Abibumbye gufata ingamba zose za ngombwa bigahagarika inkunga y'amafaranga, iy'ibikoresho n'indi yose itangwa n'abenegihugu cyangwa itangirwa ku butaka bwabyo ihabwa FDLR, Ex-FAR, Interahamwe n'indi mitwe yitwaje intwaro ikomoka mu Rwanda ikorera ku butaka bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), yaba yo ubwayo cyangwa mu nyungu zayo."*

Umwanzuro 1804 w'Akanama k'Umuryango w'Abibumbe gashinzwe Umutekano ku Isi washyizweho ushyigikira Itangazo rya Nairobi rihuriweho na Guverinoma y'u Rwanda n'iya RDC ryo mu kwezi k'Ugushyingo 2007, aho ibihugu byombi byari byiyemeje kwimakaza ubufatanye mu kurandura FDLR n'indi mitwe yitwaje intwaro ikomoka mu Rwanda.

Uwo mwanzuro wiswe 1804 wagaragazaga icyemezo cy'Akanama ka Loni gashinzwe Umutekano cyo guhagarikira ingendo abayobozi ba FDLR, ukaba wariyongeraga ku mwanzuro 1856 warebanaga no kwambura intwaro no gusubiza mu buzima busanzwe imitwe yitwaje intwaro ikorera ku butaka bwa RDC irimo n'ikomoka mu mahanga nka FDLR.

Dr. Bizimana yakomeje avuga ati: "Ibi byemezo Congo ibirengaho ikinjiza FDLR mu ngabo zayo, MONUSCO (Ingabo za Loni zoherejwe mu Butumwa bw'Amahoro muri RDC) ibirebera nk'uko MINUAR (izoherejwe mu butumwa bw'amahoro bwa Loni mu Rwanda) yarebereye itegurwa rya Jenoside mu Rwanda. Abategetsi ba Congo, bahamagarira urwango nk'uko byakorwaga mu Rwanda hagati ya 1990 na 1994."

Yakomeje agaragaza bimwe mu bimenyetso simusiga bigaragaza amateka yisubiramo, aho Abanyekongo bo mu bwoko bw'Abatutsi bakomeje kurenganywa. Muri Kanama 1998, Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga wa Congo Abdulaye Eulodia Ndumbasi, yahamagariye kwica Abatutsi abita udukoko twanduza tugomba gutsembwa ntawusigaye.

Tariki 19 Nyakanga 2023, Depite Justin Bitakwira Bihona-Hayi yavugiye kuri Televiziyo ya Leta ati: "Umututsi ni umwicanyi muri kamere ye."

Tariki ya 31 Gicurasi 2024, Umukuru w'Umutwe wa Mai Mai Nande/Mazembe witwa Benoit Mukumbatia yatangaje video ivuga ngo "Umututsi nyawe ni Umututsi wishwe, Umututsi nyawe ni ujyanywe mu irimbi."

Tariki 4 Nyakanga 2024, Minisitiri w'Itangazamakuru Patrick Muyaya, kuri TV50 Bukavu yise Abatutsi abicanyi avuga ngo 'Minisitiri w'Intebe, yabasuye mu gihe cy'ubwicanyi bukorwa n'Abatutsi.'

Icyo gihe Muyaya yagize ati: "Minisitiri w'Intebe yabasuye nk'umugore, umubyeyi, umuvandimwe, mu gice cy'Igihugu mutuyemo, aho umugore yababajwe bikabije n'ubwicanyi ndengakamere bumaze imyaka 30 bukorwa n'Abatutsi."

Tariki 24 Ugushyingo 2024, Minisitiri w'Ubucamanza Constant Mutamba, ubwo yari i Goma, yasabye kwica Abatutsi 'bahereye ku bayobozi bakuru b'u Rwanda.'

Tariki ya 28 Ukuboza 2025, Umuvugizi w'Ingabo za Congo Gen. Ekenge, yahamagariye kuri Televiziyo y'Igihugu urwango ku Batutsikazi, aho yasabye abandi Banyekongo kwirinda gushakana na bo.

Minisitiri Dr. Bizimana yavuze ko impuguke z'Umuryango w'Abibumbye zoherezwa muri Congo na zo zibogama. Ati: "Muri Gashyantare 1999, Roberto Garreton wabaye Intumwa idasanzwe ya Komisiyo ya Loni y'Uburenganzira bwa Muntu muri Congo, yatanze ikiganiro gihamagarira urwango ku Batutsi avuga ngo hariho ukwinangira k'Umuryango w'Abibumbye, guturuka ku rugomo rukorerwa Congo ruturutse ku gatsiko k'Abatutsi."

Yaboneyeho gushyikiriza Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ubutumwa bw'Abanyarwanda bamushimira umutekano n'ingamba z'ubwirinzi akomeza gufata mu guharanira ko ibyago RDC yikorezwa na FDLR bidakomeza kugira ingaruka ku Rwanda.

Ati: "Abanyarwanda babashimira umutekano mwabahaye n'ingamba mufata zibarinda. Abo mwarokoye mu mwaka wa 1994, basubiranye icyizere cy'ubuzima barimo kandi abenshi barokotse Jenoside za kera kuva mu 1959 kugeza mu 1994.

Urubyiruko rubashimira amahirwe mwaruhaye, yo kuba mu gihugu kitavangura. Abakoze Jenoside benshi bararangiza ibihano; barabashimira ingamba zo kubagorora bagasubizwa ubuntu biyambuye, bagataha mu ngo zabo."

Yanagarutse kandi no ku bava mu mitwe yitwaje intwaro bashimira ubuyobozi bw'u Rwanda kubakira bakisanga mu rwababyaye aho bakomeje gufatanya n'abandi kubaka Igihugu kizira inzangano n'amacakubiri.

Yakomeje agira ati: "Hari benshi baba mu mahanga bitandukanya n'ikinyoma gikwizwa n'abakoze Jenoside cyangwa ababaye imbata y'ingengabitekerezo yayo, bagataha mu rwababyaye rukabakira bakaba babashimira imiyoborere myiza y'u Rwanda ibasubiza ishema ry'Igihugu cyabo."

Yasoje yizeza ko nta kizongera gusenya u Rwanda Abanyarwanda barebera, ati: "Harabaye ntihakabe, Habaye Muyaga na Muhoro, ubu hariho Mahoro na Munyarwanda, ni bo bazahoraho."





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Kwibuka 32: Kurwanya imvugo z'urwango si amahitamo ni inshingano*

Umunyarwanda yaciye umugani ati: "Akarenze umunwa karushya ihamagara." Uyu mugani werekana uburyo amagambo mabi, avuzwe nabi, atatekerejweho cyangwa agambiriwe, ashobora kwica kandi agacengera abandi nk'inkota yahuranya ikanasiga ubumara mu mubiri.

Imvugo zibiba urwango n'amacakubiri zigarukwaho cyane nk'imwe mu ntwaro kirimbuzi yifashishijwe mu gutegura no gushyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yatwaye ubuzima bw'abasaga miliyoni bishwe mu gihe cy'iminsi 100 gusa.

Byahereye ku mvugo z'abayobozi zongerewe ubukana n'itangazamakuru risenya, zihindukamo ibikorwa by'ubwicanyi aho Abatutsi bishwe urw'agashinyaguro. Abaturanyi bishe ababakamiye, ababyeyi barihekura, abashakanye bica abo bashakanye ndetse n'abari abavandimwe bihakana ubuvandimwe.

U Rwanda rufite amateka adasanzwe agaragaza ububi bukabije bwo guhembera imvugo z'ibiba urwango n'amacakubiri. Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yasize isomo rikomeye ryerekana ko amagambo asesereza, ibihuha n'imvugo zibiba amacakubiri bishobora kuvamo ibikorwa by'ubugome ndengakamere.

Ni isomo ridakwiye kwibagirana, cyane cyane muri iki gihe Isi irushaho guhuzwa n'ikorabuhanga, aho buri wese afite urubuga rusesuye rwo gutanga ibitekerezo bikamenywa na bose mu kanya nk'ako guhumbya.

Nubwo imbuga nkoranyambaga n'izindi nzira z'itumanaho byoroherereje buri wese gutanga ibitekerezo, bikaba n'inzira yo kubaka demokarasi ishingiye ku bwisanzure bwo gutanga ibitekerezo, ariko kandi ni akaga gakomeye kwisanga ayo mahirwe yarahinduwe umuyoboro wo gusenya sosiyete aho kuyubaka.

Inzego zose, uhereye ku muturage ukoresha imbuga nkoranyambaga cyangwa utazikoresha, abayobozi n'itangazamakuru, dufite inshingano zo guhitamo amagambo yubaka aho gusenya no kwirinda icyatuma habaho kugoreka ukuri cyangwa kubiba inzangano.

Twese hamwe dufite ubushobozi bwo kubaka sosiyete itarangwamo urwango, ahubwo igendera ku kuri, ubwubahane n'iterambere rusange twirinda imvugo z'urwango n'izihembera ingengabitekerezo ya Jenoside.

Kurwanya urwango si amahitamo, ni inshingano isaba buri wese kuzirikana ko imvugo n'ibikorwa bibiba urwango n'amacakubiri ari ikimenyetso simusiga n'intandaro y'ibikorwa by'ubugome ndengakamere biganisha kuri Jenoside. Kubyirinda ni ihame ridakuka kuva ku bato kugeza ku bakuru mu kubaka u Rwanda rwiza rw'ejo hazaza.

**Ubwanditsi**

# Umuryango Mpuzamahanga watereranye Abatutsi bahungiye kuri ETO Kicukiro - Amb. Nduhungirehe



Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Jean Patrick Olivier

NYIRANEZA Judith

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Nduhungirehe Jean Patric Olivier yagaragaje uburyo Umuryango Mpuzamahanga watereranye Abatutsi bari bahungiye kuri Eto Kicukiro, ukabasiga mu menyo ya rubamba bicwa urw'agashinyaguro n'Interahamwe n'abasirikare bari aba Leta y'icyo gihe.***

Yabigarutseho mu gikorwa cyabereye Nyanza ya Kicukiro kuri uyu wa Gatandatu tariki ya 11 Mata 2026, ku mugoroba wo Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi bari bahungiye kuri ETO Kicukiro, ubu ni muri IPRC Kicukiro.

Yagize ati: "Tariki ya 11 Mata 1994, ni umunsi waranzwe n'ubwicanyi, ubugome n'agashinyaguro birenze urugero cyane cyane kuri uyu musozi wa Nyanza. Ni umunsi Abatutsi bakoze urugendo rw'umusaraba, abagombaga kwicwa barashinyaguriwe, bakagenda bicirwa mu nzira bageze i Nyanza baterwamo gerenade, banicwa n'izindi ntwaro, ari nako bashinyagurirwa.

[....] tugomba gukomeza kwibuka, tukanibuka yuko nubwo Jenoside yakorewe Abatutsi ari Jenoside yabaye mu Rwanda, igakorwa b'Abanyarwanda, igakorerwa abandi Banyarwanda, Umuryango Mpuzamahanga ubifitemo uruhare ruremereye.

Abatutsi bahungiye muri ETO Kicukiro, bahahungiye kuko hari ingabo z'Umuryango w'Abibumbye (MINUAR) cyane cyane ingabo z'Ababiligi, kugira ngo barokoke, babashe gutabarwa , kurengerwa kuko Jenoside yari yatangiye mu gihugu hose, zari ziyobowe na Luc Marshal, ariko izo ngabo z'Ababiligi zataye Abatutsi ziragenda."

Amb. Nduhungirehe yavuze ko kuvuga ko zataye Abatutsi bicwaga ntizibatabare biba bivuzwe mu buryo bworoheje, ariko mu by'ukuri ko umusirikare wese w'umwuga warebaga uko bimeze agasiga abicwaga birenze uko bivugwa, biba bivugwa mu buryo bworoheje.

Ati: "Ni n'umwanya wo kwibuka ko izo ngabo zahawe amategeko yo kuva muri ETO zikazinga imizigo yazo n'imbwa zabo, icyo gihe Interahamwe n'abandi bicanyi bari ku marembo wa ETO bazunguza imihoro. Umusirikare w'umwuga ureba uko byifashe, yarangiza akagenda asigiye abo basivili abicanyi bafite imihoro n'izindi ntwaro, ntabwo ari ugutererana abasivili cyangwa gutererana Abatutsi gusa, ahubwo ni ukubashyikiriza abicanyi."

Yongeyeho ati : "Ni n'umwanya wo kwibuka uruhare rw'Umuryango Mpuzamahanga cyane cyane ibihugu by'ibihangange, mu mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko ntabwo uruhare rwabo rugarukira ku byabaye hano Nyanza ya Kicukiro, ahubwo mu mateka yose ya Jenoside, mu byiciro byose bya Jenoside usangamo akaboko k'ibyo bihugu by'amahanga.

Uhereye ku gihe cy'ubukoloni aho ingengabitekerezo ya Jenoside yatangiye, mu gihe cyo gutegura Jenoside mu 1990-1994 ndetse na nyuma yaho. [.....] kandi muri ibyo bice byose Umuryango Mpuzamahanga urimo."

Amb. Nduhungirehe yagaraje kandi ko hari raporo zagiye zitangwa zigaragaza ko hari Abatutsi bicwa

Ati: "Ku kijyanye no gutegura Jenoside nyirizina byabaye cyane cyane mu 1990, naho amahanga abifitemo uruhare, kuko aho urugamba rwo kubohora Igihugu rutangiriye, ingabo z'Ababiligi n'iz'Abafaransa zoherejwe mu Rwanda ariko iz'Abafaransa zoherejwe mu Rwanda ngo zitware abaturage babwo babaga mu Rwanda n'abandi b'i Burayi muri rusange, ariko ingabo z'Abafaransa zarahagumye zitangira no gutaga imyito ku ngabo z'u Rwanda n'Interahamwe."

Hari na raporo zagaragaza ko harimo gutegurwa kwica Abatutsi, hari abatangaga ubutumwa butabariza Abatutsi nk'ubwatanzwe na Gen. Roméo Antonius Dallaire ariko Umuryango Mpuzamahanga ntubwiteho, hari n'abari mu ngabo z'Umuryango w'Abibumbye mu Rwanda bagize uruhare mu kurokora Abatutsi barimo Capitaine Mbaye Diagne w'Umunyasenegale n'abandi.

Urwibutso rwa Jenoside rwa Nyanza rugizwe n'ibice bitatu aho igice cya mbere kiriho amazina y'Abatutsi bahashyinguye, igice cya kabiri kikabamo imva irimo imibiri y'Abatutsi ibihumbi 105 bishwe muri Jenoside yakaorewe Abatutsi mu 1994, mu gihe igice cya gatatu kibarizwamo Ubusitani bubumbatiye ibihe bitandukanye Abatutsi banyuzemo muri Jenoside n'akamaro gakomeye ibidukikije by'umwihariko ibimera byagize mu kurokora Abatutsi.


# Inkunga mwaduhaye yaturinze guheranwa n'agahinda – IBUKA

KAYITARE Jean Paul

***Umuryango uharanira inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, IBUKA, washimiye ubuyobozi bw'igihugu ku isonga Perezida wa Repubulika Paul Kagame wayoboye urugamba rwo guhagarika Jenoside, ko abarokotse bahawe umutekano, ubuvuzi, uburezi n'ibindi.***

Ni ubutumwa bwatanzwe na Dr. Gakwenzire Philbert, Perezida wa IBUKA, mu mugoroba wo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, igikorwa cyabereye muri BK Arena. Yavuze ko urugendo abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bakoze muri iyi myaka 32, rwababereye umutwaro batari kwishoboza kubera ubukana bw'ingaruka Jenoside yasigiye abayirokotse.

Yagize ati: "Uwo mutwaro twawushobojwe n'ubuyobozi bwiza igihugu cyabonye no kutuzirikana byihariye aho Jenoside itazongera kubaho ukundi kandi ibyo bikaba no kugeza ubungubu dushyigikiwe. Bityo turashimira Leta y'ubumwe bw'Abanyarwanda mubereye ku isonga, yatubaye hafi mu ngeri zose z'imibereho yacu uyu munsi, haba ku ngingo y'umutekano, Ubutabera, kugenerwa amacumbi, ubuvuzi, uburezi n'ibindi."



Dr. Gakwenzire Philbert, Perezida wa IBUKA

Akomeza agira ati: "Iyo nkunga mwaduhaye yaturinze guheranwa n'agahinda, iduha guhagarara twemye, dufatanya n'abandi banyarwanda gusana igihugu. Abarokotse Jenoside bakiri batoya barakuze, bubatse imiryango barashibuka, none ubu bafite abana n'urubyiruko rubereye u Rwanda."

Umuryango wa IBUKA wavuze ko kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi, ubifata nk'umwanya igihugu cyageneye Abanyarwanda, kurebera hamwe ingaruka za Jenoside mu Rwanda no mu Karere. Dr. Gakwenzire agaragaza ko ari umwanya wo kwegera abarokotse Jenoside biturutse ku bikomere byo ku mutima. Ati: "Ni inzira nyayo yo komora ibikomere no gushyigikira u Rwanda rutubereye twese kandi bitanga icyizere ko Jenoside itazongera kubaho."

Umuryango IBUKA uvuga ko abagize ingaruka zidakira ibikomere byo ku mubiri, nabo bitabwaho. Mu myaka 32 ishize, Ibuka ishimangira ko hakozwe ibintu byinshi birimo no guhangana n'ingaruka za Jenoside no kugarura isura nziza y'u Rwanda yari yaratakaye mu ruhando mpuzamahanga.

Icyakoze Ibuka yerekana ko muri iki gihe usanga hagaragara politiki mbi yo kwimakaza amacakubiri, bikaba biteye impungenge mu Karere u Rwanda ruhereyemo bikozwe n'abasize baruhekuye. Dr. Gakwenzire avuga ko hari ibihugu bitakuye isomo kuri Jenoside yakorewe abatutsi mu Rwanda mu rwego rwo kugira ngo abayirokotse n'abayikoze bashobore kubona ubutabera.

Ibyinshi byakozwe mu myaka 32 ishize, byafashije abarokotse kubaho neza ariko ngo hari ingaruka z'igihe kirekire zikigaragara, zirimo ikibazo cy'ihungabana gikomeza gufata indi ntera. IBUKA yashimye ko igihugu cyashyizeho ingamba kandi ni ko ngo bikwiye kugenda no kugeza ku bindi bisekuru bizakurikira kugira ngo hatazagira igisubiza u Rwanda inyuma.

Mu kubungabunga amateka ya Jenoside, Ibuka ikomeje gukorera hamwe kugira ngo yegeranye ubuhamya bw'abarokotse Jenoside kuko ubuhamya ari kimwe mu by'ingenzi bizafasha guhangana n'abayihakana.

Umuryango IBUKA kandi washimye ingabo zari iza RPF Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bityo mu gihugu hakajyaho Guverinoma y'ubumwe bw'abanyarwanda. Abarokotse Jenoside bashima ko u Rwanda rufite ubwisanzure kandi ko bakomeye ku bumwe bw'Abanyarwanda.

# AU yashimangiye ko urwango rutazongera kugirwa umushinga wa politiki

SHEMA Ivan

***Perezida wa Komisiyo y'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), Mahmoud Ali Youssouf, yashimangiye ko icyerekezo Afurika yihaye ari uko kwimika urwango bitazongera kwemerwa ko bihindurwa umushinga wa politiki.***

Yabigarutseho ku wa 7 Mata, ubwo uyu Muryango wifatanyaga n'u Rwanda n'Isi yose mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, cyabereye ku cyicaro cya AU, i Addis Abeba muri Ethiopia.

Ati: "Afurika ihamya ko kubiba urwango rwinjizwa muri politiki bitazongera kubaho. Tugomba guhangana n'ibyago biri kwiyongera birimo imvugo zibiba urwango, amacakubiri n'ivangura rikabije tubinyujije mu kubaka ubumwe."

Yakomeje avuga ko urugendo rw'u Rwanda rw'ubudaheranwa no kwiyubaka bigaragaza ko amateka mabi atari isezerano ahubwo ahindurwa n'ubushake bw'abantu. Ati: "Kwibuka bidusaba gukora, kurinda no kurengera agaciro ka muntu aho ari ho hose. Afurika ishyigikiye amahoro, ubutabera n'umutekano wa buri umwe."




Perezida wa Komisiyo ya AU, Mahmoud Ali Youssouf, yashimangiye ko urwango rutaba intwaro ya politiki

Tariki ya 26 Mutarama 2018 ni bwo Loni yasabye ko tariki ya 7 Mata iba Umunsi Mpuzamahanga wo kuzirikana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994; inyito yahinduye iyari isanzwe ikoreshwa itaravugaga neza ukuri kw'ibyabaye.

Ibarura ryakozwe na Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu mu 2000 rikamara imyaka ibiri (2000-2002), ryagaraje ko Abatutsi 1.074.017 bishwe mu gihe cy'iminsi ijana (Mata-Nyakanga 1994). Iyo hakozwe isesengura ry'iyi mibare, bigaragara ko buri munsi hicwaga ibihumbi icumi na mirongo irindwi na bane (10.074).





# Amerika yashyize ikoresha inyito yemewe ya "Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994"

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu gihe u Rwanda rwifatanyije n'Isi kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubutumwa bwatanzwe na Leta Zunze Ubumwe za Amerika (USA) nyuma y'imyaka myinshi yarinangiye gukoresha inyito yemewe, yashyize noneho ivuga "Jenoside yakorewe Abatutsi", mu gihe guhera mu mwaka wa 1994 bakoreshaga "Jenoside yo mu Rwanda".***

Mu mateka ya Amerika, guhera ku buyobozi bw'uwahoze ari Perezida Bill Clinton bakomezaga kwirinda gukoresha Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ahubwo bakavuga ko ari ubwicanyi bwo mu 1994 mu kwirinda kugongwa n'Amasezerano yo kurwanya Jenoside yabasabaga gutabara ntibabikore.

Nyuma y'uko tariki ya 7 Mata buri mwaka yemejwe n'Umuryango w'Abibumbye nk'Umunsi Mpuzamahanga wo kurwanya Jenoside yakorewe Abatutsi nk'uko bibumbiye mu mwanzuro A/DEC/72/550 watowe muri Mutarama 2018, Leta Zunze Ubumwe za Amerika zari mu bihugu bitawutoye zanga kwemera ko Jenoside yabaye mu Rwanda yakorewe Abatutsi.




Perezida wa Komisiyo ya AU, Mahmoud Ali Youssouf, yashimangiye ko urwango rutaba intwaro ya politiki

Mu butumwa bwifatanya n'Isi kwizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kuzirikana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 nyuma y'imyaka umunani ishize, Nick Checker ukuriye ishami rishinzwe Ububanyi n'Amahanga na Afurika muri Guverinoma ya Amerika yakoresheje iyi mvugo bwa mbere.

Nick Checker yabigarutseho ubwo yifatanyaga n'Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda baba muri Amerika, mu gutangiza icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Yagize ati: "Mu gihe twibuka, duhaye icyubahiro inzirakarengane za Jenoside yakorewe Abatutsi kandi tuzirikana amahano atavugwa yakozwe. Leta Zunze Ubumwe za Amerika zifatanyije n'u Rwanda mu bumwe n'ubwiyunge kandi zamaganye zivuye inyuma ihakana n'ipfobya rya Jenoside."

Yakomeje agira ati: "Muri ibi bihe bikomeye, nifatanyije namwe mwese mu kuzirikana ku nzirakarengane zabuze ubuzima, n'imiryango yasenywe. Njye ubwanjye nasuye u Rwanda nigerera aho Jenoside yakorewe i Nyamata na Ntarama, ahari kiliziya Gatolika aho ibihumbi by'Abatutsi bari bahungiye bakwicwa nabi n'abahezanguni."

Yakomeje avuga ko nta muntu ushobora kwirengagiza ukuri kw'ibyabaye mu Rwanda, ati: "Byankoze ku mutima cyane. Ibizinga by'amaraso bikigaragara muri izo kiliziya ntabwo ari ibimenyetso bitagaragara, ni ibihamya bifatika by'ubuzima bwatwawe, urugomo rwazanywe ahantu hagenewe gusenga. Kuri Alitari, ahatambirwaga ibitambo byera, aho amaraso ya Kirisitu agaragarira gukiza Isi, yavanzwe n'amaraso y'inzirakarengane mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi."

Yakomeje asobanura ko ku Bagatolika alitari si ameza gusa, ahubwo ni Kaluvari. Yavuze ko kubona kuri alitari kicirwa abantu bigaragaza ubugome n'icyaha ndengakamere.

Yashimye u Rwanda rwakuye icyiza mu kibi, aho Abanyarwanda biyemeje gusigasira ubumwe n'ubudaheranwa no kwiyemeza kwimakaza umutekano, kubaka ibigo ndetse no kubaka ubunyarwanda bwamagana ivangura rituma urugomo rushoboka.

Ati: "Ibi ntibyabaye nk'impanuka. Byasabye ubuyobozi bufite ubushake bwo gukora ibikomeye, rimwe na rimwe harimo amahitamo adashoboka nyuma y'ibyago bikomeye- amahitamo yari agamije guharanira ko ubwicanyi rusange butazongera kubaho ukundi."

Yavuze ko Leta Zunze Ubumwe za Amerika zishyigikiye ukwiyemeza k'u Rwanda ko gushimangira ubumwe n'ubwiyunge, kandi zamaganye abagerageza bose kugoreka amateka mu nyungu za Politiki, guhakana no gupfobya Jenoside.

Yavuze kandi ko Amerika yamaganye abakoresha imvugo zihembera urwango n'urugomo, aho gukoresha amagambo yabo mu kwimakaza amahoro.

Ambasaderi w'u Rwanda muri Leta Zunze Ubumwe za Amerika Mathilde Mukantabana, yashimiye Nick Checker ku bw'ubwo butumwa bwifatanya n'Abanyarwanda muri ibi bihe bitoroshye, ashimangira ko ubutumwa bwe bushimangira akamaro ko kwibuka, ukuri n'inshingano za buri wese zo guharanira ko ubugome bwabaye muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 butagira ahandi buba ku Isi.

# Ambasade y'u Rwanda muri Korea y'Epfo yibutse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

ZIGAMA Theoneste

***Ambasade y'u Rwanda i Seoul muri Korea y'Epfo yibutse ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ni igikorwa cyabereye muri FEBC-Seoul Arts Hall ku wa Kabiri tariki ya 7 Mata 2026, gihuriza hamwe abadipolomate, abayobozi muri Leta n'abagize Umuryango Mpuzamahanga, mu rwego rwo guha icyubahiro abazize Jenoside no kongera kwibutsa inshingano rusange yo kuyirwanya ku Isi hose.***

Iyo Ambasade yashimangiye ko Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi ari umwanya wo gushishikariza abantu n'ibihugu kwamagana urwango, kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kuzuza inshingano basangiye zo gukumira ko ibyaha nk'ibyo byongera kubaho.

Icyo gikorwa cyatangijwe no kuririmba indirimbo z'ibihugu by'u Rwanda na Koreya, zaririmbwe n'itsinda ry'abana rya FEBC Children's Choir, hakurikiraho umunota wo kunamira abazize Jenoside yakorewe Abatutsi. Abitabiriye bari benshi bahagaze mu ituze bibuka abarenga miliyoni bishwe mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Hakurikiyeho igikorwa cyo gucana urumuri rw'icyizere, aho abadipolomate n'abandi bayobozi bifatanyije mu rwego rwo guha icyubahiro Abatutsi bazize Jenoside no kongera gushimangira icyizere cy'ejo hazaza. Herekanwe Filimi ngufi igaruka ku mateka ya Jenoside n'ingaruka zayo, ari na yo yafunguye ibikorwa byo gutanga ibiganiro byo kwibuka.

Ambasaderi w'u Rwanda muri Koreya y'Epfo, Bakuramutsa Nkubito Manzi, yagaragaje ububi bwo guhakana ayo mateka mabi ya Jenoside yakorewe Abatutsi muri iki gihe, ashimangira ko ari ngombwa cyane kwibuka no kubazwa inshingano.

Yagize ati: "Kwibuka ni inshingano yo kurinda ukuri, guha agaciro ubumuntu no kwirinda ko ayo mahano yazongera kubaho." Yakomeje agira ati: "Nyuma y'imyaka 32, icyo kibazo ntikirashira. Cyahinduye isura. Guhakana Jenoside no kuyipfobya ubu bikwirakwizwa cyane ku mbuga nkoranyambaga no hirya no hino ku Isi."

Yanihanangirije abagerageza kugoreka cyangwa gutesha agaciro amateka, agira ati:



Ambasade y'u Rwanda i Seoul muri Korea y'Epfo yibutse ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

"Tubyumve neza: guhakana si igitekerezo umuntu atanga. Gupfobya si ubwisanzure bwo gutanga ibitekerezo; ni ugukomeza Jenoside mu yindi sura."

Chung Kwang-yong, Umuyobozi Mukuru ushinzwe Afurika n'Uburasirazuba bwo Hagati muri Minisiteri y'Ububanyi n'Amahanga ya Koreya, yagaragaje akamaro ko guhora abantu bari maso no kugira ubumwe mu guhangana n'urwango.

Yagize ati: "Dufatanyije n'umuryango mpuzamahanga, twiyemeje kutirengagiza urwango n'amacakubiri byibasira ikiremwamuntu. Twiyemeje byimazeyo kurengera indangagaciro z'ubumuntu no kubahana." Yanashimye urugendo rw'u Rwanda rwo kwiyubaka, agira ati: "Ukwihangana n'ubushake budacogora by'Abanyarwanda birashimishije cyane. Mu myaka yakurikiye aya mateka ababaje, u Rwanda rwabaye igicumbi cy'iterambere n'udushya."

Yakomeje avuga ko iterambere ry'u Rwanda ari "urugero rw'ingirakamaro mu iterambere rirambye," anashimangira ko Koreya yishimira gufatanya na rwo mu rugendo rugana ku hazaza heza harangwa n'iterambere.

Chung yanagaragaje ko kuva mu 2010, u Rwanda ruri mu bihugu Koreya iha umwanya wa mbere mu bufatanye mu iterambere, aho ubufatanye bwibanda ku buhinzi, uburezi n'ikoranabuhanga mu itumanaho.

# Kwibuka 32: Dukwiye gukura amasomo aho twatsinzwe - Antonio Guterres

NYIRANEZA Judith

***Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, Antonio Guterres yasabye Umuryango Mpuzamahanga gukura amasomo ku gutsindwa bagize mu bihe byahise bagaharanira kurinda abariho, binyuze mu kwamagana urwango, imvugo zibibiba amacakubiri n'izihamagarira abantu ubwicanyi. Antonio Guterres yabigarutseho mu butumwa yatanze ku wa 7 Mata 2026, igihe u Rwanda n'Isi bizihiza Umunsi Mpuzamahanga wahariwe Kuzirikana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Uwo munsi kandi Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda batangiye icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu




Umunyamabanga Mukuru w'Umuryango w'Abibumbye, Antonio Guterres

1994, mu gusubiza icyubahiro abasaga miliyoni bishwe mu minsi 100 gusa.

Muri ubwo butumwa, Guterres yagize ati: "Kuri iyi tariki ya 7 Mata 2026, turibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 twamagana ikorwa ryayo ndetse duha agaciro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kandi duha n'icyubahiro abayirokotse."

Yakomeje avuga ko hashize imyaka mirongo itatu n'ibiri, u Rwanda runyuze mu bihe bitoroshye by'umwijima, aho Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa, aho imiryango yishwe bunyamaswa.

António Guterres mu butumwa yanyujije ku mbuga nkoranyambaga, yagize ati: "Ku Munsi Mpuzamahanga wo Kuzirikana Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, tubabajwe n'Abatutsi bishwe muri Jenoside kandi tubahaye icyubahiro n'agaciro bambuwe. Duhaye icyubahiro abarokotse. Ubu twibuka, twicishije bugufi kandi dufite isoni, ukuntu Umuryango Mpuzamahanga winangiye ntiwumve imiburo ngo ufate ingamba zo kurokora ubuzima bw'Abatutsi bicwaga."

Yongeyeho ati: "Tugomba kwigira ku gutsindwa kw'ahahise tukarinda abariho, binyuze mu kwamagana urwango, imvugo zishotorana n'izikangurira abantu gukora rugomo; binyuze mu gushyira imbaraga mu kubaka umuryango mu kubaka ukwigira k'umuryango ndetse no mu kongerera ubushobozi ibigo bifasha mu gukumira ubwicanyi rusange."

Yaboneyeho gusaba ibihugu byose kubahiriza Amasezerano Mpuzamahanga yerekeye kurwanya Jenoside nta gutindiganya kandi bigashyirwa mu bikorwa mu buryo bwuzuye. Umuryango w'Abibumbye kandi wifatanyije n'abaturage b'u Rwanda n'abantu bose, aho bari hose, banze guha urwaho amacakubiri cyangwa ngo baceceke.

Yavuze kandi ko Umuryango w'Abibumbye wongeye gushimangira icyemezo cyo kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, gutega amatwi abayirokotse no kugira icyo bakora mu gukumira Jenoside ahandi hose yaba ku Isi.

Umuryango w'Abibumbye kandi wifatanyije n'abantu bose ku Isi banga guharira ahazaza h'Isi ubwoba, amacakubiri, no guceceka, bagaharanira kurwanya ikibi. Ati: "Dufite amateka dushingiraho atuyobora, intego yacu ni ugukumira Jenoside.





# Imyitwarire y'Ingabo z'u Rwanda yavuye mu bihe bikomeye - Perezida Kagame

NTAWITONDA Jean Claude

***Mu gihe amahanga yari yapimye ubuzima bw'Abanyarwanda bicwaga muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu nyungu zayo agasanga budashobora kurokorwa, Ingabo zahoze ari iza RPA Inkotanyi zo zayoboye urugamba rwo kuyihagarika.***

Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yavuze ko umuco n'imyitwarire biranga Ingabo z'u Rwanda z'uyu munsi byavuye muri ibyo bihe bikomeye, aho ziri mu za mbere zikorana ubunyamwuga n'ubwitange budasanzwe ku Isi.

Ubwo yagezaga ijambo ku bitabiriye umuhango wo gutangiza Icyumweru cy'Icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Perezida Kagame yavuze ko nta bihano cyangwa ibitutsi byatesha agaciro Ingabo z'u Rwanda. Yavuze ko Abanyarwanda bakuye isomo riremereye, ribabaje kandi ritazibagirana, ku kuba amahanga yarabatereranye kuko ubuzima bwabo butari bujyanye n'inyungu z'undi muntu.

Ati: "Ni yo mpamvu byabaye ngombwa ko Ingabo zari iza RPA ari zo ziyobora urugamba rwo guhagarika Jenoside, kandi zikayihagarika koko. Ikidutera agahinda kenshi, ni uko tutabashije kugera aho Jenoside yakorwaga hose hakiri kare. Yakomeje anenga bamwe mu bagifite ubushake buke bwo kwemera no kuvuga ukuri uko kuri, "ku mpamvu natwe tutumva."

Yavuze ko kugeza n'uyu munsi amasomo yavuye ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ayobora imyitwarire y'ingabo z'u Rwanda zikorera mu gihugu no hanze yacyo mu butumwa bwo kubungabunga amahoro, kandi zikaba zaragiye zubahwa hose kubera uburyo zisohoza neza izo nshingano.

Ati: "Mu by'ukuri, nta bihano cyangwa ibitutsi biturutse aho ariho hose, bishobora na rimwe gutesha agaciro icyubahiro n'ubunyangamugayo by'ingabo n'inzego z'umutekano z'u




Perezida wa Repubulika Paul Kagame, yavuze ko umuco n'imyitwarire biranga Ingabo z'u Rwanda zibikomora mu bihe bikomeye

Rwanda; ziri mu nziza kandi z'indashyikirwa ushobora kubona aho ari ho hose. Ntegereje kuzabaza abandi bari mu nzego zo hejuru muri iyi Si, kugira ngo numve ishingiro ry'akarengane nk'aka."

Perezida Kagame yavuze ko Abanyarwanda bazi neza ikiguzi cyo kwihanganira ubuhezanguni, ari na yo mpamvu ihame shingiro rigenderwaho mu by'umutekano ari ugushyira imbere kurengera ubuzima bw'abaturage bari mu kaga.

Yavuze ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Abanyarwanda bahisemo kubaka igihugu cyabo nta n'umwe uhejwe inyuma, bikajyana no kwiyemeza ko batazigera bemera ko Politiki ya Jenoside yagira aho ishinga imizi mu Rwanda.

Yakomeje agira ati: "Muri uru rugendo, Abanyarwanda twakomeje guhura n'abanenga ibiduturutseho, n'abashaka kugoreka amateka yacu inshuro nyinshi. Ariko imbaraga tuzahorana iteka, ni ugukoresha ubwenge bwacu kugira ngo tubone ukuri, no gukoresha amajwi yacu tukavuga, iyo tubona hari ikitagenda neza. Tugomba gusobanura neza ibyago tubona bigihari."

Aha ni ho yahereye asobanura uburyo Ingabo za Leta yateguye ikanakora Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahunganye n'abasivili benshi mu cyitwaga Zaïre ubu ni muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, aho bongeye kwisuganya bakavamo umutwe w'iterabwoba wa FDLR n'uyu munsi ukomeje kuyogoza umutekano w'Akarere no gukwirakwiza ingengabitekerezo ya Jenoside.

Perezida Kagame yavuze ko ubufatanye bw'ingabo z'u Rwanda n'abaturage byafashije guhashya Abacengezi mu myaka ya 1996-1999 ariko umutekano wakomeje kugira ibikorwa bitandukanye, kandi ingamba z'ubwirinzi zakomeje gukazwa kugira ngo ibyago byatezwa na FDLR bidakomeza guteza akaga ku Rwanda.

Ati: "Kuva icyo gihe, ingamba zacu z'ubwirinzi zidufasha kwirwanaho no kurinda Igihugu, duharanira ko ibitero nk'ibyo bitazongera na rimwe kugabwa ku Rwanda biturutse hakurya y'imipaka yacu. Iki ntabwo ari ikibazo u Rwanda rwagombye gukemura rwonyine. Kubikora gutyo ni uguha urwaho ababiri inyuma, mu gihe u Rwanda rwo ruhanirwa ko rwahagurukiye kwirengera no kurinda umutekano warwo."

Perezida Kagame yavuze ko guharanira ubusugire bwa Afurika, bikwiriye no kujyana nuko inzego za Afurika zifata ibyemezo bikwiye kandi byihuse, igihe Abanyafurika bari mu kaga. Yongeyeho kandi ko abakora ibibi badakwiye kwihisha inyuma y'ihame ry'ubusugire bw'ibihugu, ngo barikoreshe mu guhunga inshingano ku byaha bakora, no kwima abaturage uburenganzira bwabo. Yahamije ko ingengabitekerezo ya Jenoside ikwirakwira mu Karere nidafatirwa ingamba, ishobora kongera kugasubiza inyuma.



Minisitiri wa MINUBUMWE, Dr. Bizimana Jean Damascene yibukije ko nta muntu wakoze icyiza muri Jenoside wibagirana

# Nta muntu n'umwe wakoze icyiza muri Jenoside wibagirana - Minisitiri Dr. Bizimana

KAYITARE Jean Paul

***Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana Jean Damascène, yavuze ko nta muntu wakoze ikintu cyiza muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 wibagirana.***

Yabigarutseho kuri uyu wa Mbere tariki 13 Mata 2026, mu gikorwa cyo kwibuka Abanyapolitiki 21 bashyinguye mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Rebero. Muri aba, harimo abo mu Mujyi wa Kigali no mu Ntara zitandukanye bishwe bazizwa kurwanya umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Minisitiri Dr. Bizimana agira ati: "Uyu ni umunsi ukomeye aho abanyapolitiki bitandukanyije n'imigambi mibi ya Perezida Habyarimana. Nta muntu n'umwe wakoze ikintu cyiza muri Jenoside wibagirana […] n'iyo mpamvu hariho n'abarinzi b'igihango."

Minisitiri Dr. Bizimana Jean Damascène, yashimangiye ko tariki ya 13 Mata ari umunsi ukomeye mu mateka y'u Rwanda, ajyanye n'urugamba rwo kubohora Igihugu, kwiyubaka k'u Rwanda no gushimangira ubumwe bw'Abanyarwanda.

Yagize ati: "Ni umunsi wahariwe guha umwihariko ibikorwa by'indacyemwa, bikomeye, bya gitwari, by'abanyapolitiki banze gutatira igihango bari bafitanye n'u Rwanda, bitandukanya na Leta ngome ya Juvénal Habyarimana n'abambari be bateguye umugambi wa Jenoside yakorewe Abatutsi."

Minisitiri w'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, Dr. Bizimana yakomeje avuga ko mu 1961, Grégoire Kayibanda, yagejeje ijambo ku Badepite, ababwira ko Leta igiyeho ari iy'Abahutu.

Abanyapolitiki bibukwa harimo Dr. Gafaranga Théogène, Gisagara Jean Marie Vianney, Dr. Habyarimana Jean Baptiste, Kabageni Venantie, Kameya Andre, Kavaruganda Joseph, Kayiranga Charles, Mushimiyimana Jean Baptiste, Ndagijimana Callixte, Ndasingwa Landuald (Lando), Me Ngango Felicien, Ngulinzira Boniface, Me Niyoyita Aloys, Nyagasaza Narcisse, Nzamurambaho Frederic, Rucogoza Faustin, Prof Rumiya Jean Gualbert, Rutaremara Jean de la Croix, Ruzindana Godefroid, Rwabukwisi Vincent na Rwayitare Augustin.

# Kwibuka 32: Ibyo Umuryango IBUKA wishimira mu myaka 30 ishize ushinzwe




Perezida wa Ibuka, Dr. Gakwenzire Philbert

KAMALIZA Agnes

***Umuryango uharanira inyungu z'Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, IBUKA, ugaragaza ko mu myaka 30 umaze ushinzwe wageze ku ntego zatumye ushingwa; aho wafashije abarokotse Jenoside kwiyubaka ndetse ntibaheranwa n'agahinda, n'abagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bakabiryozwa.***

Perezida wa IBUKA Dr. Gakwenzire Philbert mu nama Mpuzamahanga yiga ku kurwanya Jenoside yahujwe no kuzirikana imyaka 30 Umuryango IBUKA umaze ushinzwe, yagaragaje ko intego umuryango wari warihaye zagezweho binyuze mu bikorwa byawo bwite, imikoranire na Leta ndetse n'Imiryango Mpuzamahanga.

Dr. Gakwenzire yagaragaje ko inteko ishinga umuryango IBUKA yateranye ku wa 13 no ku wa 14 Ukuboza 1995. Inyandiko zisoza imirimo y'iyo nteko yashyizweho umukono n'abantu 152, n'amashyirahamwe bihuje intego 16, yasoje imirimo yayo ishyiraho IBUKA yatangaje ingingo 18 zikubiye mu ntego 3 ari na zo zakomeje kuyobora ibikorwa by'uwo muryango.

Intego ya mbere yari uguteza imbere imibereho y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, iya kabiri ni ukwibuka no gusigasira amateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 no kuyavomamo amasomo yo kubaka ejo heza, iya gatatu ni ijyanye no gushakira ubutabera abazize Jenoside yakorewe Abatutsi n'abayirokotse, abayigizemo uruhare bagakurikiranwa mu nkiko.

Dr. Gakwenzire avuga ko izo ntego zagezweho ndetse ashimira Leta y'u Rwanda n'imiryango yabigezemo uruhare ngo bigerweho. Yagize ati: "Umuryango IBUKA wagiye ugera kuri izi ntego ubinyujije mu bikorwa byawo bwite, ubuvugizi, imikoranire n'inzego za Leta n'izigenga yaba mu gihugu na mpuzamahanga."

Ashimira byimazeyo abari bagize iyo nteko ku gikorwa gikomeye bakoze mu bihe byari bigoye n'ibikomere bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bikiri bibisi.

Agaragaza ko gushinga IBUKA byashobotse bihereye ku mpamvu z'ingenzi zirimo; ihagarikwa rya Jenoside bikozwe n'ingabo za RPA - inkotanyi zari ziyobowe na Perezida Paul Kagame na politiki yashyizweho nyuma ya Jenoside yahamagariye Abanyarwanda kugira uruhare mu gusana Igihugu cyari cyarasenyutse.

Gakwenzire ashima uruhare rwa Perezida Paul Kagame mu guhagarika Jenoside no kudahwema kuba hafi abayirokotse n'imiryango bagiye bibumbiramo bagafashwa guhangana n'ingaruka zayo, gukira ibikomere, no gutuma IBUKA igera ku ntego zayo.

Yagize ati: "Iyo zitaturokora uyu munsi ntawari kuba abara iyi nkuru kuko umugambi wo kurimbura Abatutsi wateguwe n'ubuyobozi bubi igihe kirekire. Imyaka 30 ishize abanyamuryango ba IBUKA ntibazibagirwa ijambo ry'Inkotanyi rigira riti 'Humura ntugipfuye'

KOMEZA KU RUP.13





# Jenoside yakorewe Abatutsi ntiyatunguranye - Amb. Musoni James

NTAWITONDA Jean Claude

***Ambasaderi w'u Rwanda muri Repubulika ya Zimbabwe Musoni James, yongeye kwibutsa ko Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 itatunguranye kuko yateguwe igihe kinini ndetse igashyirwa mu bikorwa mu buryo butabayeho nk'impanuka.***

Ambasaderi Musoni yabikomojeho mu ijambo yagejeje ku bagize inzego za dipolomasi, abayobozi muri Guverinoma, Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda bitabiriye umuhango wo gutangiza icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ni igikorwa cyateguwe na Ambasade y'u Rwanda ifatanyije n'ubuyobozi bw'amashami y'Umuryango w'Abibumbye muri Zimbabwe ndetse n'Ibiro bihuza Ibikorwa by'Ubutabazi muri Zimbabwe cyabaye ku wa Kabiri tariki ya 7 Mata 2026.




Amb. Musoni James yagaragaje ko Jenoside yakorewe Abatusti mu 1994 itatunguranye, ahubwo yateguwe

Ambasaderi Musoni yagize ati: "Jenoside yakorewe Abatutsi ntabwo yatunguranye. Umuzi wayo uri mu mateka y'igihe kirekire y'amacakubiri n'ivangura, byinjijwe mu nzego z'ubuyobozi mu gihe cy'Abakoloni bigenda biherekanywa mu ngoma zagiye zikurikirana. Uko imyaka yahise indi igataha, inzangano zarabibwe, inkomoko z'abantu zihindurwa intwaro ndetse urugomo rurategurwa. Mu 1994, ibi byasoreje ku byago ndengakamere mu mateka ya muntu."

Yakomeje avuga ko ikibabaje cyane ari uko Umuryango Mpuzamahanga watsinzwe ntiwagira icyo ukora ku gihe, nubwo hari ibimenyetso mpuruza bya Jenoside yatutumbaga na mbere y'uko ishyirwa mu bikorwa. Ati: "Ikiguzi cyo kutagira icyo bakora cyari kirenze. Uku gutsindwa gukwiye kuzahora ari isomo ku bantu. Guceceka no kwigira ntibindeba imbere y'akarengane bishobora kugira ingaruka mbi cyane."

Yanashimiye kandi uruhare rw'Ingabo za FPR Inkotanyi zari ziyobowe na Perezida wa Repubulika Paul Kagame zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, anashimangira ko u Rwanda rwateye intambwe ikomeye cyane mu kwimakaza ubumwe, ubwiyunge no kubaka inzego zikomeye.

Yakomoje ku bibazo biri mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) birimo imvugo z'urwango, guhakana Jenoside no kuyipfobya, aharangwa n'imitwe yitwaje intwaro ikomeza kubyongerera imbaraga. Asaba Umuryango Mpuzamahanga kongera imbaraga mu gukumira baharanira kwimakaza umuco wo kubazwa inshingano no gucungira umutekano abasivili.

Ku ruhande rwa Zimbabwe, Umuyobozi Mukuru w'Ishami rishinzwe Ububanyi n'Amahanga n'Ubucuruzi Mpuzamahanga, Amb. Pearson T. Chigiji wari umushyitsi mukuru, yavuze ko Zimbabwe yifatanyije n'Abanyarwanda muri ibi bihe byo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Yavuze kandi ko baha agaciro Abatutsi bishwe muri Jenoside, kandi bakishimira ko iterambere ry'u Rwanda rigeze ahashimishije.

Yashimangiye akamaro ko kwibuka ahahise mu gukumira ko hakongera kubaho ubwicanyi ndengakamere na Jenoside, ahamya ko Zimbabwe yiyemeje gukomeza gushimangira umubano n'ubutwererane ifitanye n'u Rwanda bikajyana no kwimakaza amahoro, ubwiyunge n'iterambere ridaheza.

Umuhuzabikorwaw'Amashami ya Loni muri Zimbabwe, Edward Kallon yunamiye abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, anafata mu mugongo abayirokotse. Na we yagarutse ku kuba Umuryango Mpuzamahanga waratsinzwe kuko utatabariye igihe, aboneraho gushimangira ko kwibuka bikwiye kuyobora ibikorwa byose bigamije kurwanya imvugo z'urwango, kubaka ubushobozi bw'ibigo no kubahiriza amahame mpuzamahanga arimo n'amasezerano yo kurwanya no guhana ibyaha bya Jenoside.

Yasabye za Leta, sosiyete sivile ndetse n'abantu ku giti cyabo guhagurukira gukumira Jenoside binyuze mu burezi, gusigasira uburenganzira bwa muntu ndetse n'ubuyobozi bufata inshingano.

Muri Zimbabwe, Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 byasojwe no kwiyemeza kurushaho guharanira ko Jenoside n'igisa na yo byamaganwa ntibizagire ahandi biba ku Isi, abitabiriye iki gikorwa bashimangiye ko bazakomeza guhindura kwibuka ibikorwa bifatika byo guharanira amahoro, ubutabera no gukumira ubwicanyi ndengakamere bwakwaduka mu gihe kizaza.

# Kwibuka 32: Ibyo Umuryango IBUKA wishimira mu myaka 30 ishize ushinzwe

IBIKURIKIRA URUP.12

kimwe n'izindi mvugo zitanga ihumure n'icyizere cyo kongera kubaho."

Dr. Gakwenzire akomeza agaragaza ko ijambo 'Humura ntugipfuye' ryashyigikiwe na politiki n'ingamba nziza Leta yashyizeho kuva muri Nyakanga 1994, kugeza n'ubu zigikomeje guteza imbere u Rwanda.

Mu rwego rw'imibereho myiza IBUKA ishima Leta y'u Rwanda ku nkunga yatanzwe mu burezi, mu buzima, amacumbi n'imishinga yo kwiteza imbere; ibyo bikaba byaratumye umubare munini w'abarokotse Jenoside ubasha kugendana n'abandi Banyarwanda mu rugendo rwo kwiyubaka no kubaka Igihugu.

Mu rwego rw'ubutabera ibuka yagize uruhare mu gushyigikira Inkiko Gacaca n'imirimo y'Urukiko Mpuzamahanga Mpanabyaha rwashyiriweho u Rwanda i Arusha, inagira uruhare mu gushaka abatangabuhamya no gutanga amakuru ku manza zibera mu mahanga kandi bigikomeje.

Mu rwego rwo kwibuka no gusigasira amateka hakozwe ibikorwa byinshi birimo; gushyingura imibiri y'abazize Jenoside mu cyubahiro, indirimbo zahimbwe zivuga amateka zitanga ihumure, imivugo, ibitabo, ubuhamya byose bigamije kurinda amateka, kuyasigasira, kuyakuramo isomo no gukumira Jenoside mu Rwanda n'ahandi hose ku Isi.

Dr. Gakwenzire yagaragaje ko nubwo hari ibyakozwe ariko hakiri inshingano ikomeye yo guhangana n'ingengabitekerezo ya Jenoside ikigaragara hamwe na hamwe mu Gihugu, mu Karere no ku Isi, asaba buri wese gukomeza gufasha Leta kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside.

# Amoko mu ndangamuntu n'ubuhunzi byabaye amateka

KAYITARE Jean Paul

***Ubuyobozi bw'Ishyaka Riharanira Ubumwe bw'Abanyarwanda na Demokarasi (UDPR), ryashimiye ingabo zari iza RPA-Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hagapfa Abatutsi barenga 1,000,000 mu minsi 100 gusa. Ishyaka UDPR rigaragaza ko mu myaka 32 ishize, hakozwe byinshi birimo guteza imbere ubumwe n'ubwiyunge, amoko mu ndangamuntu akaba ari amateka.***




Depite Pie Nizeyimana, Perezida wa UDPR yagaragaje icyerekezo cy'ishyaka yatorewe kuyobora (Foto: Kayitare J. Paul)

Itangazo ryashyizwe hanze n'Ishyaka UDPR ku itariki 07 Mata, umunsi u Rwanda rwifatanyije n'Isi kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rigaragaza ko u Rwanda ari igihugu kimaze kuba ubukombe kandi cyarahereye ku busa.

Rigira riti: "Imyaka 32 irashize u Rwanda rubaye ubukombe, ni gihugu kirangwa n'umutekano kigasagurira amahanga, amoko mu ndangamuntu ndetse n'ubuhunzi byabaye amateka. U Rwanda rwabaririzwaga aho ruherereye ku ikarita y'Isi none ni rwo cyogere mu kwakira inama mpuzamahanga, ubukungu n'iterambere byifashe neza, Umunyarwanda ageze ku cyizere cyo kubaho imyaka 70, aharangwaga amacakubiri, ubu haganje Ndi Umunyarwanda."

Perezida wa UDPR, Depite Nizeyimana Pie, yahamirije Imvaho Nshya ko ibi byose Abanyarwanda babikesha ubuyobozi bwiza n'imiyoborere myiza ya Perezida wa Repubulika Paul Kagame.

Muri iki gihe Abanyarwanda n'inshuti z'u Rwanda bibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, hagapfa inzirakarengane z'Abatutsi zisaga miliyoni imwe zishwe urwo agashinyaguro zizira uko zavutse; Ishyaka UDPR, ryasabye Abayoboke baryo n'Abanyarwanda muri rusange kurangwa n'indangagaciro z'ubumuntu, ubupfura, ubwitange n'urukundo mu bikorwa byose bijyanye no kwibuka.

Rigira riti: "Bayoboke b'Ishyaka UDPR, muzarangwe n'ubupfura mwitabira gahunda zose z'ibikorwa byo kwibuka ku nshuro ya 32 harimo no gufasha abagizweho ingaruka na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Mukomeze kubumbatira, indangagaciro z'ubumwe n'ubwiyunge, kugira ishyaka n'urukundo, muharanira ishema ry'Igihugu, mukomeze mutoze urubyiruko gushyira Ubunyarwanda ku isonga, kuko ari ryo pfundo ry'ubusugire bw'igihugu."

Ubuyobozi bwa UDPR buvuga ko mu bihe byo kwibuka, hazirikanwa ubutwari bw'Ingabo za RPF Inkotanyi zarokoye Abatutsi bicwaga zikanahagarika Jenoside, zigatanga ubuzima bwazo kubera indangagaciro yo gukunda igihugu zari zifite bityo ko ubwo butwari buzahora buzirikanwa.

Iri shyaka ryifuriza Perezida wa Repubulika, umuryango we, inzego zose bafatanyije kuyobora igihugu, Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Abanyarwanda n'Inshuti z'u Rwanda; gukomera muri ibi bihe byo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ishyaka UDPR rigaragaza ko Abanyarwanda bazi neza ko umutekano n'amahoro ntaho byagurwa ahubwo ko bigomba kuva mu Banyarwanda ubwabo, ari nayo mpamvu bazaharanira kubirinda. Insanganyamatsiko y'uyu mwaka igira iti: "Twibuke Twiyubaka".

# Kwibuka 32: Ishyaka PL ryiyemeje guhangana n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi

KAMALIZA Agnes

***Ishyaka Riharanira Ukwishyira Ukizana kwa buri Muntu (PL) ryatangaje ko ryifatanyije n'Abanyarwanda bose, by'umwihariko abarokotse Jenoside kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorwe Abatutsi, ndetse rishimangira ko ritazahwema guhangana n'abayipfobya n'abayihakana.***

Mu butumwa bwashyizwe hanze n'iryo shyaka ku wa 07 Mata, ubwo u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi 1994, PL yagaragaje ko amateka u Rwanda rwanyuzemo nubwo ashariririye ariko atazigera yibagirana kandi bazaharanira kubaka ubumwe bw'Abanyarwanda.

Perezida w'Ishyaka PL, Mukabalisa Donatille yagaragaje ko Kwibuka byongerera imbaraga abazima zo gutera intambwe yo kubaho no kusa icyivi abagiye bari baratangiye, kugira ngo urumuri rw'icyizere n'ubudaheranwa rutazigera ruzima mu Banyarwanda uko ibihe bizagenda bisimburana, kandi ko kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside ari yo ntego.

Mukabalisa yagize ati: "Ishyaka PL ntirizahwema guhangana n'abahakana, n'abapfobya Jenoside yakorewe Abatutsi ndetse n'abafite ingengabitekerezo yayo. Rizakomeza kandi gushishikariza Abanyarwanda bose gufatana urunana no gushyira hamwe muri byose kuko ubumwe ari yo nkingi ya mwamba yo kubaka u Rwanda."

Yagaragaje ko ayo mateka akwiye kuba isoko y'imbaraga zo kubaho kandi neza kugira ngo hakomeze guheshwa ishema n'icyubahiro abo u Rwanda ruhora rwibuka.

Mukabalisa yavuze ko Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi ari inshingano ya buri wese, kuko kwibuka abayiguyemo bibasubiza icyubahiro n'agaciro bavukijwe bazira ko ari Abatutsi.

Ishyaka PL kandi risaba Abayoboke baryo n'Abanyarwanda bose gukomeza kuzirikana ubutwari bw'ingabo zari iza RPF Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi kandi zikarokora benshi.

Rishimira by'umwihariko Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame wari uyoboye izo ngabo, rigasaba urubyiruko kwigira kuri ayo mateka meza y'ubutwari bw'abahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yahitanye abasaga miliyoni mu minsi 100.

Perezida wa PL Mukabalisa yongeyeho ko izo ngabo zari urubyiruko rwitanze rutizigamye, ndetse bamwe muri bo bamena amaraso yabo bagamije kurokora u Rwanda.

Ishyaka PL kandi rishishikariza buri muyoboke waryo n'Abanyarwanda bose muri rusange gukomeza gukorera Igihugu kugira ngo kizagere ku ntego cyiyemeje mu cyerekezo 2050.

Rigaragaza ko rizakomeza gushyigikira no gushishikariza Abanyarwanda ubumwe n'ubudaherwanwa, hashimangirwa gahunda ya "Ndi Umunyarwanda", baharanira ko Jenoside itazongera kubaho ukundi ndetse bagafatanya n'abandi gutanga ibitekerezo byubaka u Rwanda no kugira uruhare mu miyoborere myiza, imibereho myiza y'Abanyarwanda n'iterambere rirambye.



Perezida w'Ishyaka PL, Mukabalisa Donatille





# Kwibuka ni ukwigira ku mateka - Depite Murumunawabo

KAYITARE Jean Paul

***Depite Murumunawabo Cécile avuga ko kwibuka ari umwanya wo kwiyemeza gukomeza kurinda ibyagezweho no guharanira iterambere kandi ko ari n'umwanya wo kwigira ku mateka.***

*Yabigarutseho ku wa 07 Mata 2026, mu gikorwa cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Mirenge ya Kigarama na Gikondo ahahoze ari muri Komini Gikondo, ubu ni mu Karere ka Kicukiro.*




Depite Murumunawabo Cécile avuga ko kwibuka ari umwanya wo kwiyemeza gukomeza kurinda ibyagezweho (Ifoto: Kayitare J. Paul)

Igikorwa cyo kwibuka mu Karere ka Kicukiro, cyabanjirijwe no gushyira indabo ku rwibutso rwa Jenoside rwa Gikondo, aharuhukiye imibiri irenga 300 n'indi igera ku 1,000 yatwikiwe kuri Kiliziya yitiriwe Mutagatifu Visenti Pallotti.

Mu ijambo rye yavuze ko uyu munsi ari umunsi wo kuzirikana amateka mabi y'igihugu cyanyuzemo, kigasenyuka muri byose. Ati: "Kwibuka si ukureba inyuma gusa, ni no gufata umwanya wo kwigira ku mateka, kuko aya mateka yatweretse ko ntakidashoboka. Yatweretse ko ubuyobozi bwiza bubaho. Ndahamya ko ubuyobozi bw'u Rwanda, n'Isi yose ishobora kubwifuza."

Yeretse urubyiruko ko ibyiza igihugu cyagezeho mu myaka 32 ishize ari ibyarwo bityo ko urubyiruko rukwiye gutega ibiganza rukabyakira maze rukanga abashobora kurugansha ahabi.

Mu kiganiro cyatanzwe na Lt. Col. (Rtd) Gerard Nyirimanzi, yagaragaje ko ingengabitekerezo ya Jenoside itaracika ari yo mpamvu kwibuka bigira uruhare mu kuyirwanya. Ati: "Twiyemeze kurandura iyo ngengabitekerezo no kurandura amateka mabi yatumye Jenoside ikorwa. Iyo ngengabitekerezo yatumye tugera kuri Jenoside yakorewe Abatutsi, yaje izanywe n'Abakoloni […]."

Lt. Col. (Ltd) Nyirimanzi avuga ko ingengabitekerezo ya Jenoside itari mu muco nyarwanda ahubwo ko yazanywe n'Abakoloni cyane ko ari na bo bazanye amacakubiri mu Rwanda. Ati: "Ni bo bayitangiye, Politiki y'Abakoloni yari mbagabanye mbategeke maze Abamisiyoneri babashyigikira muri uwo mugambi. Mbagabanye mbategeke cyari ikintu kibi, umuco wacu wo washyiraga imbere ubumwe dore ko mu kinyarwanda bavuga ngo 'Abishyize hamwe ntakibananira'. Abakoloni baje, habaye ikibazo cy'uko mu Rwanda hari abemeye ibyo umukoloni yari azanye. Mbagabanye mbategeke benshi barayitabiriye, wa mwami [Musinga] wari ushyize imbere ubumwe baramwica."

Akomeza avuga ko umwami Mutara III Rudahigwa yagizwe intwari kubera ko yaharaniye ubumwe bw'Abanyarwanda, ariko byagera 1959 amacakubiri agahabwa intebe. Abakoloni bakomeje kubiba amacakubiri na nyuma yuko igihugu cyitwa ko cyigenga. Mu 1959 ni bwo ubwicanyi bwibasira Abatutsi bwatangiye mu gihugu hose by'umwihariko muri ibyo bihe by'ubwigenge.

Ubuhamya bwatanzwe na Mugabukuze Dieudonné warokokeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu Murenge wa Kigarama, agaragaza ko mu yahoze ari Komini Gikondo hari abishwe na mbere ya 1994, bazira ko ari Abatutsi.

Avuga ko mu 1992 ubwo yari afite imyaka 17, yari umuririmbyi muri Korali. Igihe kimwe batashye bava gusubiramo indirimbo ahazwi nka Kimisange, bahuye n'Abajandarume bari ku burinzi ku manywa hafi ya Banki y'Abaturage ya Gikondo, barabakubita bababwira ko ari inyenzi zimaze iminsi zica abantu mu Bugesera. Ati: "Bari Abajandarume batanu ariko batatu ni bo babikomeyemo cyane. Haje abaturage baje gushungera nkumva barimo kunsabira imbabazi bavuga ko ibyo mu Bugesera uwo mwana [bavuga njye] atabizi."

Avuga ko bamurekuye akerekeza aho isoko rya Kigarama ribera nyuma aza guhura na bakuru be bari bajyanywe n'Abajandarume ariko bakubiswe cyane. Icyo gihe hari mu 1992. Mu buhamya bwa Mugabukuze, avuga ko urupfu rwa Perezida Ndadaye w'i Burundi na Bucyana Martin wari Perezida wa CDR rwagize ingaruka ku batutsi kuko hari abishwe bazira urwo rupfu. Karamira Flodouard mu 1993 nko mu kwezi kwa Kanama yaje gushishikariza Interahamwe zo muri Komini Gikondo kwikiza umwanzi [Umututsi].

Jenoside itangiye ku itariki 07 Mata 1994, Mugabukuze avuga ko saa mbiri za mu gitondo Interahamwe zari zimaze kugera aho bari batuye, ziyobowe na Nduwayezu Jean Baptiste muri Segiteri Kimisange. Avuga byageze saa cyenda Interahamwe zabagezemo barwana na zo kugeza mu mugoroba ariko ntizagira uwo zica.

Ati: "Ku itariki 08 Mata Interahamwe zaragarutse kandi ari nyinshi […]. Inkotanyi zitugezeho byari umuzuko, byari ukubonekerwa, n'abandi bari bihishe mu bindi byerekezo bahise baza ku Irebero. Inkotanyi zatujyanye kuri CND aba ari naho mushiki wanjye akomerekera kubera ko Interahamwe zari zakomeje kuturasaho. […] twifuzaga kujya mu gisirikare tugira ngo nibura aho kugira ngo wicwe n'umuhoro nibura tuzicwe n'amasasu. Batujyanye i Byumba ariko nkomereza mu gisirikare gufatanya n'abandi kubohora igihugu."

Avuga ko yagarutse muri Kigali agasanga nyina Interahamwe zaramwishe ndetse n'abandi bo mu muryango wabo. Ati: "Nagiraga umubyeyi wakundaga inkotanyi cyane. Kukubona wumva radiyo Muhabura wahitaga wicwa ariko kuyumva byasabaga mama ko yohereza umwana ku irembo, undi mu gikari kugira ngo ashobore kumva iyo radio. Kimwe mu bimbabaza, ni uko yapfuye atabonye inkotanyi ndetse nanjye atambonye kuko nari naramaze kubayo."

Ashimira abahishe Abatutsi ndetse n'inkotanyi, by'umwihariko uwayoboye urugamba rwo kubohora igihugu, Perezida wa Repubulika Paul Kagame, kandi akarokora abicwaga.

Kabandana Félix, Perezida w'Umuryango Ibuka mu Karere ka Kicukiro, yavuze ko kwibuka ari umwanya wo kwihanganisha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, ndetse no gukomeza kubagezaho ubutumwa bwo kubahumuriza no kubasaba kwihangana no kwiyubaka muri iyi minsi 100 yo kwibuka.

Ati: "Abicaga abatutsi babicaga urupfu rubi ndetse bamwe bajugunywa mu nzuzi, mu ntabire n'ahandi, uyu ni umwanya wo kubazirikana no kubasubiza Agaciro, abo tubonye tukabasubiza icyubahiro cyabo tukabashyingura mu cyubahiro."

Umuryango Ibuka mu Karere ka Kicukiro, ushimangira ko wifatanyije na Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda kubaka igihugu gishya no kurwanya icyahungabanya ubumwe bw'Abanyarwanda cyane cyane igishobora guturuka mu Karere u Rwanda ruhereyemo.

Umuyobozi Nshingwabikorwa wungirije w'Akarere ka Kicukiro, Huss Ann Monique, yasabye abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 kudaheranwa n'agahinda abasaba guharanira kubaho kandi neza. Yagize ati: "Muhumure kandi mukomere, ibyabaye ntibizongera ukundi." Yashimye kandi ubwitange n'ubutwari byaranze Inkotanyi zahagaritse Jenoside ndetse zubaka Igihugu cyari cyarasenyutse mu nzego



Perezida Paul Kagame yashimiye Ismail Omar Guelleh wongeye gutorerwa kuyobora Djibouti

# Perezida Kagame yashimiye Omar Guelleh wongeye gutorerwa kuyobora Djibouti

**SHEMA Ivan**

***Perezida Paul Kagame yagiranye ikiganiro na Perezida Ismail Omar Guelleh wa Djibouti, amushimira ko yongeye gutorerwa kuyobora iki Gihugu muri manda ya gatandatu.***

Mu butumwa Perezida Kagame yanyujije ku mbuga nkoranyambaga kuri iki Cyumweru, tariki 12 Mata 2026, yamwijeje gukomeza kurushaho gushimangira umubano mwiza usanzwe hagati y'ibihugu byombi.

Yagize ati: "Nzakomeza kurushaho gushimangira umubano mwiza usanzwe uri hagati y'abaturage ba Djibouti n'u Rwanda, no gukorana bya hafi mu guteza imbere intego dusangiye zigamije iterambere n'imibereho myiza y'abaturage b'ibihugu byacu."

Umubano w'u Rwanda na Djibouti umaze igihe kinini uhagaze neza. Impande zombi, zibinyujije muri komisiyo ihuriweho yo ku rwego rwa Minisiteri zihurira mu nama zihoraho zigamije kureba amahirwe yo kwaguriramo ubufatanye.

Binyuze muri iyi komisiyo, mu Ugushyingo 2025, ibi bihugu byombi byagiranye amasezerano icyenda y'ubufatanye mu nzego zirimo siporo, ubuzima, iterambere ry'umuryango no guhugurana mu bijyanye na dipolomasi.

U Rwanda na Djibouti byari bisanzwe bifitanye andi masezerano y'ubufatanye mu guteza imbere ubucuruzi, ubwikorezi bwo mu kirere, ikoranabuhanga, umutekano w'ishoramari no gukuriraho abadipolomate ikiguzi cya 'visa'.

Hashingiwe ku mubano mwiza uri hagati y'ibi bihugu, Djibouti yahaye u Rwanda hegitari 60 z'ubutaka burimo uburi hafi y'icyambu n'ubundi buri mu cyanya cyahariwe ubucuruzi, na rwo ruyiha ikibanza cya hegitari 10 mu cyanya cy'inganda i Masoro.

Ismaïl Omar Guelleh, w'imyaka 78 y'amavuko, yatorewe manda ya Gatandatu ku majwi 97,81% mu matora yabaye ku wa Gatanu, tariki ya 10 Mata 2026, aho yari ahatanye na Mohamed Farah Samatar, wagize amajwi 2,19%.

Uyu muyobozi amaze imyaka hafi 27 ayobora iki gihugu, kuva mu 1999 aho yasimbuye nyirarume Hassan Gouled Aptidon.

Mu Ukwakira 2025, ni bwo Inteko Ishinga Amategeko ya Djibouti yatoye itegeko ryo gukuraho imyaka 75 y'amavuko, nka kimwe mu byo ushaka kwiyamamariza umwanya w'Umukuru w'Igihugu atagomba kuba arengeje ndetse inemeza, ubusabe bw'abaturage muri kamarampaka yo gutora Itegeko Nshinga rishya.

# Abanyarwanda baba muri Sudani y'Epfo bibutse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994



Abanyarwanda baba muri Sudani y'Epfo bibutse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

**KAMALIZA Agnes**

***Abanyarwanda batuye muri Sudani y'Epfo n'abahagarariye imiryango mpuzamahanga bafatanyije Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.***

Umuhango wo kwibuka wabereye i Juba ku wa 7 Mata 2026, aho wahurije hamwe ingabo z'u Rwanda ziri mu butumwa bw'Umuryango w'Abibumbye muri Sudani y'Epfo (UNMISS), abayobozi ba Loni, Abayobozi mu nzego za Leta muri icyo gihugu n'abandi.

Ukaba warabaye umwanya wo guha icyubahiro Abatutsi barenga miliyoni bazize Jenoside, no kuzirikana amasomo amateka mabi Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yasize.


Ambasaderi w'u Rwanda muri Sudani y'Epfo, Joseph Rutabana yamaganye abakomeza gupfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, asaba imiryango mpuzamahanga gufata inshingano zikomeye abakoze Jenoside bakabiryozwa kandi bakagezwa imbere y'ubutabera. Yagaragaje ko nubwo u Rwanda rwaranzwe n'amateka mabi ariko Abanyarwanda bahisemo ubumwe aho gushyira imbere amoko.

Amb. Rutabana yavuze ko kuba harafashwe ingamba zo gukuraho indangamuntu zigaragaza amoko biri mu byatumye Abanyarwanda bongera kubaka ubumwe kandi bakubaka Igihugu. Ku ruhande rwa Sudani y'Epfo yagaragaje ko yifatanyije n'Abanyarwanda Kwibuka Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Ambasaderi Jimmy Gama yavuze ko Jenoside ari isomo rikomeye kuri Sudani y'Epfo, ashimira bidasanzwe ibyo u Rwanda rwagezeho, ruvuye mu bihe by'umwijima, rukaba igihugu cyunze ubumwe n'imbaraga zo kwiyubaka. Abatanze ibiganiro bashimangiye akamaro ko kwibuka no kunga ubumwe kandi ko bikwiye gukomeza kwamagana imvugo zihembera urwango.








ROYAL EXPRESS

# Nyamasheke: Imibiri 2 y'Abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yashyinguwe mu cyubahiro



Hashyinguwe imibiri ibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, mu Murenge wa Macuba mu Karere ka Nyamasheke

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Mu gikorwa cyo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, by'umwihariko hibukwa abiciwe kuri Paruwasi Gatulika ya Hanika n'ahandi, mu yahoze ari Komini Gatare, ubu ni mu Mirenge ya Macuba na Karambi mu Karere ka Nyamasheke, ku wa Gatandatu tariki ya 11 Mata 2026, mu Rwibutso rwa Jenoside rwa Hanika, hashyinguwe mu cyubahiro, Imibiri 2 yari ishyinguye mu ngo. Ni imibiri yari ishyinguye mu Kagari ka Rugali, Umurenge wa Macuba muri ako Karere ka Nyamasheke.***

Sibomana Vianney washyinguye mu cyubahiro nyina, yavuze ko gutinda kumwimurira mu Rwibutso ari uko yari atariyakira, yumvaga kuba ashyinguye mu rugo bihagije. Ati: "Mama bamwicanye n'abandimwe banjye batanu. Twari abana batandatu, nsigara jyenyine. Bamwishe turi kumwe ndamwishyingurira. Abavandimwe banjye babiciye hamwe babajugunya mu cyobo kimwe."

Akomeza agira ati: "Nyuma ya Jenoside bo twabazanye hano mu rwibutso, we numva aho ashyinguye ari aho, ahubwo imva ye nzayitunganya neza akahaguma". Avuga ko aho inzego zinyuranye zitangiye kumusura kuko yahoraga mu bwigunge, zikamuganiriza, zikamuhumuriza, zikamubwira ibyiza byinshi biri mu gushyingura mu rwibutso, akabyumva, agafata icyemezo cyo kumushyingura mu cyubahiro ku wa 11 Mata 2026, aho yumvise ari bwo aruhutse neza kuruta uko yibwiraga mbere.

Ati: "Nubwo najyaga nza kwibuka abavandimwe banjye bashyinguye muri uru rwibutso, nahoranaga intimba idashira yo guhora mbyukira ku mva y'umubyeyi wanjye, uko nyibyukiyeho intimba ikarushaho kuba ndende. Ubu ni bwo numva nduhutse kuko inshuti zamperekeje, zimfata mu mugongo numva, ntari jyenyine."

Niyoyita Evelyne na we washyinguye mu cyubahiro se, yavuze ko kumutindana aho yari ashyinguye mu rugo ari uko umuryango wari utarumvikana ku byo kumuzana mu rwibutso ngo ashyingurwe mu cyubahiro. Ati: "Nyuma yo kubiganirizwaho n'izindi nzego, twagize umwanya wo kubiganiraho mu muryango dufata icyemezo cyo kumusangisha abandi barimo n'ab'imiryango yacu bashyinguye hano mu rwibutso rwa Hanika. Turumva twishimye cyane."

Aba baturage bishimira ko imibiri y'ababo iruhukiye mu rwibutso harimo inyungu nyinshi zirimo ko uwo mubiri urushaho kwitabwaho, uwibuka agafatwa mu mugongo akarushaho guhumurizwa. Hakaba no kuba uwashyinguye uwe yumva ari mu bandi, n'izindi nyungu nyinshi zibirimo, bagasaba n'abandi batarabohoka ngo bajyane mu nzibutso abagishyinguye mu zindi mva kubikora.

Umuyobozi w'Akarere ka Nyamasheke, Mupenzi Narcisse yavuze ko kuri Paruwasi ya Hanika mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 hari hahungiye abasaga 15,000 bakaza kuhicirwa n'Interahamwe n'ingabo zari iza Leta ya Habyarimana.

Mukamana Fausta waharokokeye aho kuri Paruwasi yatanze ubuhamya avuga ko, hari hahungiye Abatutsi benshi bari bahizeye amakiriro, abenshi barahicirwa, abandi bicwa umugenda barimo abajugunywe mu kiyaga cya Kivu, umugezi wa Karundura n'ahandi bigoye kubona imibiri yabo. Kugeza ubu uru rwibutso rushyinguyemo imibiri 8,442. Indi irenga 6,000 ntiyabonetse kuko abahahungiye hafi ya bose bahiciwe.

Mukamana Fausta uri muri mbarwa baharokokeye, umuryango we hafi ya wose ugashirira kuri iyi kiliziya, abandi barimo nyina umubyara bakagwa mu biturage hirya no hino, mu buhamya bwe, yavuze ko nubwo yasaga n'uwapfuye mu by'ukuri kubera inzira y'urupfu yanyuzemo, rutamuheranye, ariho kandi yariyubatse.

Ati: "Nariyubatse kubera Leta nziza dufite itwitaho ikaduhumuriza, tugatekana, buri wese agakora ibimuteza imbere. Narabyaye, abana bariga, ndiho, ndakora ngatunga umuryango. Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi turashima Imana na Leta nziza dufite irangajwe imbere na Perezida Kagame, yatugaruriye icyizere cyo kubaho."

Ikibazo cy'imibiri itaraboneka ngo ishyingurwe mu cyubahiro n'icy'iyabagishyinguye mu ngo, cyagarutsweho n'uhagarariye Ibuka mu Karere ka Nyamasheke, Gasasira Marcel wabanje kwihanganisha abashyinguye ababo uyu munsi no gushimira abarokotse uburyo bakomeje gutwaza.

Ati: "Turashimira aba bateye intambwe yo gushyingura ababyeyi babo mu cyubahiro hano mu rwibutso, tukanakomeza gusaba ababa bafite amakuru y'ahakiri imibiri ishyinguye ahatari mu nzibutso cyangwa itaraboneka kuyatanga na yo igashyingurwa mu cyubahiro."

Depite Karemera Emmanuel wanatanze ikiganiro cyo kwibuka yavuze ko kwibuka ari ngombwa, kuko ari inkingi ya mwamba mu kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kutibagirwa amateka mabi yaranze iki gihugu.

Nk'uwarokokeye muri aka gace ari na ho iwabo, Depite Karemera Emmanuel yagaragaje ubugome bwagakorewemo kuva kera, ku ngoma mbi zayoboye igihugu, zikakigeza kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abana babuzwa kwiga, abize babura akazi, abakarimo batotezwa, abantu bariho batariho, kugeza biciwe gutsembwaho mu 1994. Ashimira Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda irangajwe imbere na Perezida Kagame yahinduye ibyo byose amateka. Ati: "Turasaba cyane cyane urubyiruko kugera ikirenge mu cy'uwabohoye igihugu, uyu munsi tukaba dutekanye."

Yihanganishije imiryango yashyinguye ababo, aboneraho gusaba abaturage bose kugendera kure urwango, ivangura n'ingengabitekerezo ya Jenoside, bagaharanira kubyaza umusaruro amahirwe y'iterambere bafite, bagaharanira gukomeza ubumwe bwabo, birinda icyabuhungabanya aho kiva kikagera.





# Kirehe: Uwagizwe inshike na Jenoside arashima Leta yamutuje heza

GATERA Alphonse

***Madame Agnes w'imyaka 70, wagizwe inshike na Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, arashima Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yamukuye mu bwigunge ikamutuza heza mu Mudugudu wa Kiyovu, Akagari ka Nyabikokora Umurenge wa Kirehe, mu Karere ka Kirehe.***

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Madamu Agnes yagarutse ku mateka ashaririye yanyuzemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yamutwaye umugabo n'abana barindwi bose babyaranye ndetse na se umubyara.

Yasigaye wenyine yumva Isi imuguyeho, asigara ahetse amaboko ku buryo yumvaga nta cyizere cy'ubuzima yari agifite. Ishusho y'umugabo we n'abana babyaranye by'umwihariko, ntiyigeze imuvamo agahora yibuka bya bihe byijimye bya Jenoside yakorewe Abatutsi, bigatuma ahora yikanga ubusa agira ngo na we hari uje kumutema.



Madame Agnes avuga ko Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yamukuye mu bwigunge ikamutuza heza

Avuga ko icyizere cy'ubuzima cyatangiye kuza ubwo mu buryo bw'igitangaza yaje guhura n'abuzukuru be babyawe n'umwe mu bakobwa be wishwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Abo buzukuru, umuhungu n'umukobwa, ntiyari azi ko barokotse, ariko baza bongeye kumwibutsa ko atakiri wenyine.

Ashima Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwanda yahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ikanafata mu mugongo abasigajwe iheruheru na yo na we arimo, kuko yubakiwe inzu ijyanye n'igihe yamukuye mu bwigunge n'abuzukuru be.

Ibi byatumye ihungabana n'ubwoba yahoranaga bishira, arera abuzukuru be ndetse ubu ngo bamaze gukura ndetse na bo bamaze gushinga ingo zabo. Uyu munsi ku myaka ye 70 akora ibikorwa byoroheje bimufasha kurushaho kwiteza imbere no guharanira kubaka ahazaza heza, aho yoroye ihene eshatu kuko ngo we kuri we adashobora kwiyoyororera inka.

Abamuhekuye yarababariye

Madame Agnes avuga ko nubwo bitari byoroshye ariko yababariye abamuhekuye mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Akomeza avuga ko byamugoye ariko Imana ikaza kumufasha agakira indwara y'agahinda ko guceceka yahoranaga, aza gutangira kuganira n'abandi none uyu munsi ntakiri mu bwigunge.

Perezida wa Repubulika Paul Kagame, ubwo yatangizaga Icyumweru cy'Icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yahumurije abayirokotse ndetse anizeza ko itazongera kubaho ukundi ndetse ko u Rwanda rutazapfa bwa kabiri. Ati: "Ntawakongera gupfa kuriya. Ntabwo wakwica umuntu kabiri. Igihugu cy'u Rwanda ntabwo gishobora gupfa kabiri. Mbere y'uko wakwica u Rwanda ruzakwica mbere yo kurwica…"

Leta y'Ubumwe bw'Abanyarwnda ikomeje gukangurira buri wese kwimakaza ubumwe n'ubudaheranwa no kuba hafi abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 by'umwihariko muri ibi bihe bitoroshye bibagarura mu mwijima bahuye na wo mu myaka 32 ishize.

# Muhanga: "Ntitukirara ku gasozi, ubu dufite aho twita iwacu" - Abarokotse Jenoside

HABIMANA Eric

***Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 batujwe n'umuryango AVEGA AGAHOZO mu Murenge wa Shyogwe, Akagari ka Kinini, mu Mudugudu wa Musezero bavuga ko ubuzima bwabo bwahindutse cyane nyuma yo gufashwa kubona aho kuba bakava ku kurara ku gasozi no mu buzima bwo kubara uko bukeye.***

Abo baturage bavuga ko nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ubuzima bwari bubi cyane kuko benshi babaye inshike, abapfakazi, imfubyi, ndetse hari n'abasigaye bafite ubumuga n'indwara zidakira, byatumye babaho bihebye, nta cyizere cy'ejo hazaza bafite kuko nta n'aho gukinga umusaya bari bafite.

Gusa bavuga ko Leta y'u Rwanda ifatanyije na AVEGA AGAHOZO yabagobotse ibubakira amacumbi, ibintu bavuga ko byongeye kubaha icyizere no kongera kumva agaciro k'ubuzima.

Muhimpundu Esperance w'imyaka 70, umwe mu batujwe muri uwo Mudugudu avuga ko Jenoside yamusigiye ibikomere bikomeye kuko yiciwe abana batanu n'umugabo ndetse n'abandi bari bagize umuryango we.

Ati: "Jenoside igitangira natangiye kwihisha mu bihuru hamwe n'abana banjye, ariko bose barishwe bansiga ndi intere bakeka ko nanjye napfuye, nyuma Inkotanyi zarantabaye ariko ubuzima bwari bugoye, nararaga aho ngeze hose, nkabaho nsabiriza icumbi."

Akomeza avuga ko ubufasha yahawe na AVEGA AGAHOZO burimo kumuvuza no kumuganiriza bwamufashije kongera kubaho, ariko ngo impinduka ikomeye yayibonye ubwo yahabwaga inzu yo guturamo. Ati: "Umunsi bambwiye ko ngiye guhabwa inzu nahise numva nongeye kubaho, numvise koko Leta ari umubyeyi ukunda abana be."

Kakuze Dativa w'imyaka 86 na we wiciwe umugabo n'abana batatu, avuga ko kugira aho arambika umusaya bituma yumva atekanye bitandukanye n'uko mbere yabagaho ahora afite ubwoba. Ati: "Ubu ndaryama nkasinzira nta muntu niteze ko ari bunsohore, iyi nzu ni ubuzima bwanjye, Leta yadukoreye byinshi."

Nubwo bishimira aho bageze, aba baturage bavuga ko bagihura n'imbogamizi z'imibereho cyane cyane izijyanye n'ubukene kuko benshi bageze mu zabukuru kandi badafite imbaraga zo gukora, abandi bakaba bafite ubumuga bubabuza guca inshuro.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Muhanga ushinzwe Imibereho Myiza Mugabo Gilbert, avuga ko kubona aho kuba ari intambwe ikomeye ariko ko Leta ikomeje gufatanya na MINUBUMWE mu gufasha abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu buryo butandukanye.

Ati: "Dufite gahunda zitandukanye zo kwita ku bageze mu zabukuru n'abafite ibibazo byihariye, dukorana na MINUBUMWE kugira ngo ubufasha bugere kuri buri wese hakurikijwe ikibazo afite."

Uyu Mudugudu wubatswe mu 2003 na AVEGA AGAHOZO, utuzwamo abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuri ubu ukaba usigayemo abaturage bake, inzu zimwe zatangiye gusaza kubera ko bamwe mu bazubakiwe bazivuyemo.

Nubwo bimeze bityo ariko abahatuye bavuga ko agaciro bahawe ko kugira aho bita iwabo ari intambwe ikomeye mu kongera kubaho no gukira ibikomere bya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.



Muhimpundu Esperance ashimira Leta yamuhaye inzu, akaba afite aho kuba

# Kwibuka 32: Yarokokeye mu kigega cyuzuye amazi i Kiziguro ahiciwe Abatutsi 3,500

HITIMANA Servand

***Ubuhamya bwa Mukakalisa Madeleine w'imyaka 70 buratangaje, kuko mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yarokokeye mu kigega cyuzuye amazi yiroshyemo asa nk'uwiyahura, ubwo hakorwaga ubwicanyi bukomeye ku Kiliziya ya Kiziguro.***

Uyu mukecuru avuga ko yamaze amasaha atari make mu kigega cyuzuye amazi akaza kuvamo ari muzima, nk'uko yabigarutseho mu buhamya yatanze ku wa 11 Mata 2026, ubwo hibukwaga Abatutsi biciwe kuri Kiliziya ya Kiziguro ku mabwiriza ya Jean-Baptiste Gatete, Burugumesitiri w'iyahoze ari Komini ya Murambi, ubu ni mu Karere ka Gatsibo.

Mukakalisa avuga ko mu gitondo cyo ku itariki ya 8 Mata 1994, ari bwo Abatutsi batangiye guhungira ku KIliziya kuko muri za segiteri zitandukanye ubwicanyi bwari bwatangiye, biringira ko bashobora gukirira ahari inzu y'Imana.

Ati: "Nge nahageze nkerewe kuko naturutse mu Murenge wa Rwankuba aho naje ncitse Burugumesitiri Gatete twari tunaturanye. Nageze aha taliki ya 10 nsanga mu Kiliziya huzuye ndetse no hanze ku kibuga kugera muri ziriya nturusu hari abantu benshi cyane. Byatangiye guca amarenga ubwo abapadiri bagendaga bakahadusiga ndetse ibimenyetso bikagaragaza ko akaga kari kutwegera."

Avuga ko ubwo abasirikare babagotaga bagatangira kwica, ndetse n'Interahamwe zigahorahoza benshi zifashishije imihoro n'amahiri, ni bwo Mukakalisa yigiriye inama yo kwijugunya mu kigega cyuzuye amazi yamazemo amasaha arenga 10.

Ati: "Ubwo abasirikare batugotaga ndetse bagatangira kwica, Interahamwe na zo zidutema nabonye ikigega cyari inyuma ya Kiliziya ndurira mpita ninjiramo. Nabaye muri aya mazi ariko numva imiborogo hanze, ariko nkomeza kuyarerembamo nanifashisha tumwe mu twuma twarimo imbere nkaduhagararaho."



Iki kigega cyamubereye ubwihisho ubwo abenshi bicirwaga muri iyi kiliziya

Avuga ko ubwicanyi bwatangiye saa tatu za mugitondo bageza ku mugoroba, ndetse urwobo bari kujugunywamo rwari ruteguye bifashisha bamwe mu basore bari bahahungiye mu kujugunya imirambo mu cyobo.

Nyuma y'amasaha menshi ari muri aya mazi uyu mukecuru icyo gihe wari ufite imyaka 38, yaje kuvamo ubwo hari hatangiye kumvikana amasasu menshi muri ako gace akumva urusaku rw'abantu rutagihari.

Ati: "Nabaye mu mazi umunsi wose ndetse n'ijoro hanyuma nza kumva amasasu menshi avugira muri biriya bice ndetse abazungurukaga kuri kiriziya batangira kugabanyuka. Naje kuvamo nsanga abantu bagiye nza kumenya ko amasasu yavuga yari ahanganishije ba basirikare batwicaga ndetse n'Inkotanyi zari zigeze hafi i Kiziguro."

Mukakalisa yakomeje guhunga ataramenya aho yerekeza kugeza ubwo yazaga guhura n'abasirikare ba RPA Inkotanyi, arokoka atyo.

Uyu mukecuru ashima ko ubu asaziye mu gihugu kitarimo amacakubiri aho gutotezwa no kwirukanswa bya buri gihe byabaye amateka.

Ati: "Navutse mu 1956. Ibyagiye biba Abatutsi bahigwa kenshi mu bihe bitandukanye narabirebaga nkanabyumva mu bice bitandukanye by'Igihugu. Imyaka ntiyashiraga ingana n'iyi tumaze Jenoside ihagaritswe hatabaye kwirukanswa no kwicwa. Nshima izi Nkotanyi zandokoye zikanashyiraho ubuyobozi buca amacakubiri tukaba twibuka ku nshuro ya 32 iyi myaka ishize nta gihunga dufite."

Ku Kiliziya aho Mukakalisa yarokokeye mu kigega cyuzuye amazi, hari Urwibutso rwa Kiziguro rushyinguyemo imibiri yabasaga 20,100 irimo abari hagati ya 3,500 na 3,700 bahiciwe ndetse n'abagiye bakurwa mu bice bitandukanye mu Karere ka Gatsibo.

NGABOYABAHIZI Protais

# Musanze: Bifuza ko inzibutso za Kinigi na Busogo zubakwa mu buryo bujyanye n'igihe

***Mu gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, abayirokotse bo mu Karere ka Musanze bagaragaje ko hakiri ibibazo bijyanye n'inzibutso zirimo izo mu Mirenge ya Kinigi na Busogo, bifuza ko zubakwa mu buryo bujyanye n'igihe, buha icyubahiro abazishyinguyemo.***

Ibi babitangaje mu gikorwa cyo kwibuka cyabereye ku rwibutso rw'Akarere ka Musanze ahahoze urukiko rwa Cour d'Appel ya Ruhengeri, ahiciwe Abatutsi benshi bari bahahungiye bizeye umutekano.

Muri icyo gikorwa hatanzwe ubuhamya bugaragaza inzira y'umusaraba abazize Jenoside banyuzemo, ndetse n'uko bamwe mu bayirokotse babashije kurokoka mu buryo bw'igitangaza.



Urwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Busogo na rwo ruri mu zikeneye kwagurwa

Bamwe mu barokotse Jenoside bo mu Mirenge ya Kinigi na Busogo bavuga ko inzibutso zaho zitubatse neza ku buryo bujyanye n'igihe, bigatuma zitanga isura idahesha icyubahiro abazishyinguyemo.

By'umwihariko ku rwibutso rwa Kinigi, abaza kwibuka ababo babura aho bahagarara hisanzuye, bigatuma igikorwa cyo kwibuka kitagenda uko bikwiye.

Umwe mu barokotse Jenoside i Kinigi yagize ati: "Iyo tuje kwibuka abacu, usanga aho kwicara cyangwa guhagarara ari hato cyane, kandi ntihubatswe ku buryo bugezweho. Ibi bituma tutabona umwanya uhagije wo kubaha icyubahiro gikwiye."

Undi wo mu barokotse Jenoside wo mu Murenge wa Busogo we yavuze ko nubwo bashima intambwe imaze guterwa mu kwita ku barokotse Jenoside, inzibutso zigikeneye kuvugururwa ku buryo burambye.

Yagize ati: "Twifuza inzibutso zijyanye n'igihe, zigaragaza amateka yacu neza kandi zigaha agaciro abaziruhukiyemo, imyaka ishize ari myinshi iki kibazo tukigeza ku nzego bireba, dutegereje umuti urambye."

Perezida wa Ibuka mu Karere ka Musanze, Twizere Rusisiro Festus, yagaragaje ko ibyo bibazo biri mu bikibangamiye abarokotse Jenoside, ashimangira ko bikwiye kwitabwaho byihuse.

Yavuze ko uretse ibijyanye n'inzibutso, hakiri n'ibindi bibazo birimo amacumbi ashaje akeneye gusanwa ndetse no kubakira abatishoboye.

KOMEZA KU RUP.21





# Ngoma: Bababazwa n'Abarundi bahakoreye Jenoside batarabihanirwa

GATERA Alphonse

***Abarokokeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Murenge wa Jarama mu Karere ka Ngoma mu Ntara y'Iburasirazuba, bagaragaza ko bababazwa n'uko hari n'Abarundi bari bacumbitse mu nkambi za Sake na Nemba, bifatanyije n'Interahamwe mu kuhakorera Jenoside, ariko mu gihe yahagarikwaga bakambuka iwabo mu Burundi, kugeza ubu bakaba batarahanwa.***

Ibi babigarutseho ubwo hibukwaga Abatutsi benshi biciwe muri uyu Murenge, bagaragaraza ko icyatumye hapfa abantu benshi gutyo kandi mu masaha macye, ari uko ingabo zo kuri Leta ya Habyarimana zari mu kigo cya gisirikare zabashutse ngo bajye hamwe mu nzu, zibashe kubarinda kandi zibabeshya, ahubwo zigira ngo zibice bari kumwe, no kuba zimwe mu ntagondwa z'Abahutu zari kumwe n'Abarundi bari barahungiye mu Rwanda ubundi bakabiriramo bakabica.

Aba baturage basobanura ko izi mpunzi zari iz'Abarundi, zari zizi kwica cyane cyane ko zo mu gihugu cyabo hari hasanzwe habayo ubwicanyi, bwari bwaranatumye zihungira mu Rwanda, ibyatumye zigisha Interahamwe kwica Abatutsi bo mu Murenge wa Jarama uburyo bwo kubica urubozo.

Aba barokotse Jenoside bavuga ko ku itariki ya 09 Mata 1994, ari bwo hishwe benshi. Mukandayisenga Beatha yagize ati: "Abo Barundi tubabona ntabwo twari tubazi, bo bari baraje bajya mu nkambi ya Sake, nk'aho baje ari abantu bameze nk'abapagasi, baza mu ngo zacu hano mu giturage, noneho Jenoside ibaye, baravuga bati n'ukuntu iwacu Abatutsi mwatubujije amahoro, baratwishe cyane banasahura imitungo."



Abarokokeye Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Murenge wa Jarama mu Karere ka Ngoma bababazwa n'uko Abarundi babiciye ababo batarakurikiranwa

Akomeza ati: "Ariko kuko nta mazina yabo tuzi, tutazi aho baturuka, ntabwo bigeze baryozwa ibyo bakoze ngo babe bakwishyura imitungo bangije cyangwa bafungirwe abo bishe. Hagize abamenyekana abazwi bagahanwa byaba ari byiza ariko ubu ntabwo twabasha kumenya ngo bahanwa gute."

Nkurunziza Damien na we warokokeye muri uyu Murenge wa Jarama, yagize ati: "Ku itariki 7 Mata 1994, Jenoside yahise itangira, abari batuye hano tubura aho duhungira kuko uyu Murenge ukikijwe n'amazi n'igifunzo, ntabwo twari kubona aho tunyura ngo tujye i Burundi. Twagumye gushwiragira, abantu bapfa umwe ku wundi." Akomeza avuga ko abasirikare babeshye abaturage 'ngo mugende turabarindira ku isoko ku mucuruzi witwaga Desideri, tujyayo bwari uburyo bwo kudukusanya ngo babone uko batwica."

Akomeza ati: "Ubwo ku itariki 09, umusirikare yatanze urugero yica umuntu umwe, yereka abaturage, na bo birara mu Batutsi barabica. Ubundi, Abarundi babanje gukambika hano Jarama, baza kubimura babatuza Sake abandi babajyana i Nemba, noneho bumvise Jenoside itangiye ni na bo batinyuye Abanye-Jarama cyane bababwira ukuntu iwabo basize bishe abantu babereka uko bakwica Abatutsi, bo bari bazi uko bica abantu, batinyura abaturage kandi bo bicaga nabi cyane."

Perezida wa IBUKA mu Karere ka Ngoma Biseruka Omar, yavuze ko koko muri Jarama hari Abaturage b'Abarundi bahakoze Jenoside nk'uko banayikoze no mu bindi bice byo mu Gihugu, akavuga ko nka IBUKA bahumuriza abaturage batahawe ubutabera kubera ko aba Barundi bahise basubira iwabo, gusa akemeza ko icyaha cya Jenoside kidasaza kandi ko gihanwa ku rwego mpuzamahanga ngo na bo bazaryozwa ibyo bakoze.

Yagize ati: "Uretse na Jarama no mu yindi mirenge ya Sake na Rukumberi, icyo kibazo cyabo Barundi bishe Abatutsi cyarahabaye aho bishe benshi ndetse bakanabica nabi, aho Jenoside ihagarikiwe bahisecbasubira iwabo, mujya munumva ko hari n'abayobozi bakuru bagize uruhare muri Jenoside yakorewe Abatutsi, ni ibintu byagiye bigaragara no muri Gacaca hari amakuru yatanzwe."

Yavuze ko hari ubushakashatsi bugenda bukorwa ku buryo hazamenyekana amazina yabo ngabo, n'abaturage bakwiye kubigiramo uruhare n'ubwo binagoye, ariko ikibazo Leta irakizi. Ati: "Icyaha cya Jenoside ntabwo gisaza kandi gihanwa ku ruhando mpuzamahanga, isaha n'isaha bazahanirwa ibyo bakoze, nubwo Leta y'u Burundi itagira icyo ikora ariko inkiko mpuzamahanga zishyizweho zo zizabakurikirana. Icyo dusaba abaturage ni ukwihangana kandi tubabwira ko tubakorera ubuvugizi."

Muri uyu Murenge wa Jarama hiciwe Abatutsi benshi, imibiri yabonetse kugeza ubu biciwe muri uyu Murenge ishyinguye mu rwibutso rwa Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 rwa Rukumberi rushyinguyemo imibiri isaga ibihumbi 42.

IBIKURIKIRA URUP.20

# Musanze: Bifuza ko inzibutso za Kinigi na Busogo zubakwa mu buryo bujyanye n'igihe

Yagize ati: "Dufite imbogamizi zirimo amacumbi y'abarokotse akwiye kuvugururwa, ariko tunafite ikibazo cy'inzibutso zigikeneye kubakwa no gusanwa, zirimo iza Kinigi na Busogo, ndetse no gukomeza gushyira ibimenyetso ku rwibutso rw'Akarere."

Guverineri w'Intara y'Amajyaruguru, Mugabowagahunde Maurice, na we yagaragaje ko ikibazo cy'inzibutso kiri mu nzira zo gukemuka, kandi ko ubuyobozi bwatangiye ibiganiro n'abafatanyabikorwa batandukanye, bikaba bigeze kure ku buryo mu minsi iri imbere hari icyizere ko izi nzibutso zizubakwa.

Yagize ati: "Twagiranye ibiganiro n'abafatanyabikorwa batandukanye, kandi byagenze neza. Urugero nko ku rwibutso rwa Kinigi, hari abafatanyabikorwa barimo RDB bagaragaje ubushake bwo kudufasha kurwubaka, ku buryo twizeye ko mu gihe cya vuba bizaba byatangiye gushyirwa mu bikorwa."

Guverineri Mugabowagahunde Maurice kandi ashimira abarokotse Jenoside uburyo bakomeje kwihangana no kwiyubaka, abasaba gukomeza kwimakaza ubumwe n'ubwiyunge, kurwanya ingengabitekerezo ya Jenoside no kugira uruhare mu bikorwa byose byateguwe mu minsi 100 yo kwibuka.

Muri rusange, abarokotse Jenoside mu Karere ka Musanze bagaragaza ko nubwo hari intambwe imaze guterwa mu kubitaho, hakiri ibikwiye kunozwa, by'umwihariko kubaka inzibutso zigezweho zizafasha kubungabunga amateka no guha icyubahiro abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Urwibutso rw'Akarere ka Musanze kugeza ubu haruhukiyemo imibiri y'abazize Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 isaga 800, aba bose bakaba bariciwe mu cyahoze ari urukiko rukuru rwa Ruhengeri bari bahazanywe bizezwa umutekano wabo ariko byarangiye bahiciwe.

# Kwibuka 32: Yisanze mu Mutara ahunga agasozi abe bashiriyeho

HITIMANA Servand

***Mukakalisa Goreth utuye mu Kagari ka Barija, Umurenge wa Nyagatare, Akarere ka Nyagatare, avuga ko yageze muri aka Karere k'Umutara ahunga agasozi kiciweho abe bose agacyurirwa ko azahingira abamwiciye bakamuhemba intica ntikize.***

Mu buhamya bukakaye uyu mubyeyi warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi agaruka ku nzira y'akababaro yanyuzemo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, aho yiciwe umuryango w'aho yashatse ndetse n'aho avuka.

Mukakalisa avuga ko mbere no mu gihe cya Jenoside yari atuye mu yahoze ari Komini Musambira, ubu ni mu Karere ka Kamonyi. Nyuma yo kurokokana ibikomere byinshi ku mubiri, ibyari bikomeye cyane ni ibikomere byo ku mutima byanatumye ahunga agasozi yari atuyeho akerekeza mu Mutara kugira ngo arebe ko yahabona umututzo.

Avuga ko ubwo ababahigaga bari bamugezeho bamubwiye ko bamushutse ko bari bwice abana be b'abahungu gusa n'umugabo we agasigarana abakobwa babiri yari afite. Ati: "Abicanyi bari banzi. Banguyeho aho twari twihishe ntabwo twari kumwe. Baranshutse ngo barica abana banjye b'abahungu ngo ni bo bazabateza ibibazo barwanirira Inkotanyi, na ho abakobwa mbareke babe bari mu rugo ntawuzabakoraho. Nyuma yo kwica abahungu nasigaranye n'abakobwa babonye twigaragaje baraza na bo babanyicira imbere nanjye baramugaza mu buryo bukomeye."



Yageze mu Mutara avuye ku Kamonyi ahunga agasozi abe bashiriyeho

Avuga ko aho arokokeye byamunaniye kwakira gutura aho yaburiye abe. Agira ati: "Ibyo naboneye aho nari ntuye byatumye mpahunga kuko numvaga umutima wanjye uremerewe cyane. Ntabwo byankundiraga kubyuka ndeba ahantu abana banjye batandatu biciwe mbareba n'amaso yanjye. Nahagurutse numva ntazi neza aho njya ariko nkumva bavuga ko inaha nta bwicanyi bukabije bwahabaye mfata umwanzuro wo kuza kuhakomereza ubuzima."

Akomeza agira ati: "Mu bintu byatumaga nzinukwa burundu hariya hantu ni ukwibuka uko abanyicaga bakananyicira bambwiraga bavuga ko nge batanyica burundu ko ahubwo ubwo bamaze abanjye njye nzasigara mbahingira. Ngo ni mumureke uwo azajya aduhingira gatatu tumuhe ingemeri y'ibishyimbo. Numvise umutima wanjye uzinutswe kuba nahangayikira imbere y'abanyifurizaga ibintu nk'ibyo."

Kugeza ubu Mukakalisa avuga ko agenda akomera ndetse agashima uko ubuyobozi bumuba hafi nubwo ibibazo bikiri byinshi. Ati: "Nyuma y'imyaka 32 ngenda ngaruka mu buzima. Imyaka myinshi nabaye inaha nari mu ikode ariko uyu munsi nahawe inzu yo kubamo. Ikindi ni uko ubu mpabwa inkunga y'ingoboka ikanyunganira mu tubazo tumwe na tumwe. Ndashima uko ubuyobozi budushyigikira nubwo nkigorwa no kubona amatike yo kujya kwivuza kuko mfite ubumuga bukomeye."

Ubuyobozi bw'Akarere ka Nyagatare bugaragaza ko hari abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bagifite ibibazo bitandukanye birimo n'ibibazo by'ubuzima bwo mu mu mutwe, ahabarurwa abagera ku 101 bagaragaza ibimenyetso byo kuba bahura n'ihungabana muri iki gihe cyo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Umuyobozi w'akarere ka Nyagatare Kakooza Henry yasabye buri we se kugira uruhare mu kuba hafi y'abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi no kubahumuriza muri ibi bihe by'icyumweru cy'icyunamo n'iminsi 100 yo kwibuka.

# Karongi: Ukekwaho Jenoside yakorewe Abatutsi yafashwe nyuma y'imyaka 32 yihisha

NDOLI Sitio

***Murakaza Valens w'imyaka 63 wari umaze imyaka 32 yihisha ubutabera kubera uruhare akekwaho ko yagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yatawe muri yombi. Kuri ubu Murakaza wari usanzwe atuye mu Mudugudu wa Rutabi, Akagari ka Rutabi mu Murenge wa Twumba, Akarere ka Karongi, afungiye kuri Sitasiyo y'Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB) ya Twumba mu gihe agikorerwa dosiye ngo ashyikirizwe ubutabera.***



Uwakoze Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 yafatiwe mu Karere ka Karongi, yari amaze imyaka 32 yihishahisha

Tariki ya 9 Mata 2026 ni bwo yatawe muri yombi, nyuma y'amakuru yamutanzweho mu nama ubuyobozi bw'Umurenge wa Twumba bwagiranye n'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi bo muri uyu Murenge. Amakuru yizewe aturuka muri uwo Murenge yemeza ko yari yarakatiwe n'Urukiko Gacaca rwo mu Murenge wa Kavumu, igifungo cy'imyaka 15 adahari.

Uwimana Phanuel, Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Twumba, yavuze ko Murakaza Valens atari yarigeze akora igihano yari yarakatiwe n'urukiko, ndetse na we akaba abyiyemerera ko yahise atoroka, akaza guhabwa imbabazi n'uwo yiciye akabona kugaruka.

Ati: "Kuva yagera mu Kagari ntabwo yajyaga yigaragaza, yanze no gufata indangamuntu ngo hatagira umuvumbura. Amakuru yamenyekanye ku makuru yatangiwe mu nama y'abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi yabereye ku Murenge tariki 8 Mata 2026, yabakanguriraga kumenya niba hari abacyihishahisha barakoze Jenoside."

Mu mpera z'ukuwezi kwa Gashyantare muri uyu mwaka, Umuyobozi w'Akarere ka Karongi, Muzungu Gerard yabwiye itangazamakuru ko mu mezi 12 ashize bamaze gufata abantu 70 bakurikiranyweho ibyaha bya Jenoside yakorewe Abatutsi, ariko bakaba bacyidegembya.






## ITANGAZO

(+250) 788321772 | Toll Free: 2303
info@ubf.rw | www.ubf.org.rw

## Ubuzima Bwiza Mutual Insurance Foundation /UBF

## Annual Financial Statements for the period ended 31 December 2025

**1. STATEMENT OF COMPREHENSIVE INCOME FOR THE YEAR ENDED 31 DECEMBER 2025**

| | Notes | 2025 | 2024 |
|---|---|---|---|
| | | Frw | Frw |
| Insurance revenue | 3 | 1,152,706,305 | 1,176,345,570 |
| Insurance service expense | 4 | (544,587,917) | (620,342,670) |
| **Insurance service result** | | **555,209,518** | **556,002,900** |
| Other income | 5 | 136,516,924 | 24,484,872 |
| **Net insurance result** | | **691,726,442** | **580,487,772** |
| Administrative expenses | 6 | (278,883,580) | (160,853,858) |
| Other Operating Expenses | 7 | (3,020,249) | (5,239,747) |
| Staff Costs | 8 | (321,395,113) | (196,009,726) |
| | | **(603,298,942)** | **(362,103,331)** |
| **Profit before tax** | | **141,336,370** | **218,384,441** |
| Tax expense | 17 | - | - |
| **Profit for the year** | | **141,336,370** | **218,384,441** |

**2. STATEMENT OF FINANCIAL POSITION AS AT 31ST DECEMBER 2025**

| | Notes | 2025 | 2024 |
|---|---|---|---|
| | | Frw | Frw |
| **ASSETS** | | | |
| Cash and bank balances | 9 | 195,411,910 | 875,027,529 |
| Short term investments | 10 | 1,000,000,000 | 400,000,000 |
| Trade and other receivables | 12 | 212,194,074 | 8,577,671 |
| Intangible Assets | 11 | 28,942,898 | 29,080,000 |
| Property and equipment | 18 | 68,117,375 | 102,934,416 |
| **TOTAL ASSETS** | | **1,504,666,255** | **1,415,619,616** |
| **Reserves and Liabilities** | | | |
| **Liabilities** | | | |
| Insurance contract liabilities | 13 | 186,717,877 | 159,626,747 |
| Account payables | 14 | 60,853,200 | 4,886,557 |
| Other payables | 15 | 204,128,887 | 288,198,333 |
| | | **451,699,964** | **452,711,637** |
| **Foundation reserves** | | | |
| Sponsor funds | | 543,360,150 | 543,360,150 |
| Accumulated reserves | | 509,606,141 | 419,547,829 |
| **Foundation net assets** | | **1,052,966,291** | **962,907,979** |
| **TOTAL RESERVES AND LIABILITIES** | | **1,504,666,255** | **1,415,619,616** |

**The financial statements were approved by the Foundation council 30th March 2026**

André RURANGANGABO
Executive Secretary

Herman BUDIGIRI
Chairperson

**3. STATEMENT OF CHANGE IN NET ASSETS AS AT 31 DECEMBER 2025**

| | Sponsor funds | Accumulated reserves | Total |
|---|---|---|---|
| | Frw | Frw | Frw |
| **At start of the year** | **543,360,150** | **419,547,829** | **962,907,979** |
| Prior year adjustments (Note 16) | | (51,278,058) | (51,278,058) |
| Surplus for the period | - | 141,336,370 | 141,336,370 |
| **As at 31ST December 2025** | **543,360,150** | **509,606,141** | **1,052,966,291** |
| **Year Ended 31 December 2024** | | | |
| **At start of the period** | **343,360,150** | **201,163,388** | **544,523,538** |
| Additions | 200,000,000 | | 200,000,000 |
| Surplus for the year | | 218,384,441 | 218,384,441 |
| **As at 31 December 2024** | **543,360,150** | **419,547,829** | **962,907,979** |

André RURANGANGABO
Executive Secretary

Herman BUDIGIRI
Chairperson

**4. STATEMENT OF CASHFLOWS AS AT 31 DECEMBER 2025**

| | 2025 | 2024 |
|---|---|---|
| **Operating activities** | | Frw |
| Surplus for the year | 141,336,370 | 218,384,441 |
| **Adjustments for** | | |
| *Non-cash items included in profit before tax* | | |
| Depreciation of property and equipment | (41,241,588) | 15,649,418 |
| Amortisation of intangible assets | (8,053,838) | 7,120,000 |
| *Working Capital Changes* | | |
| Increase in Short term investments | -600,000,000 | -400,000,000 |
| Increase /Decrease receivables | (220,771,745) | 61,572,240 |
| Insurance contract liabilities | 27,091,130 | 75,240,378 |
| Account payables | (55,966,643) | -37,686,495 |
| Other payables | 85,907,429 | 283,047,034 |
| **Net cash flows from operating activities** | **(671,698,885)** | **223,327,016** |
| **Investing activities** | | |
| Purchase of intangible assets | (7,916,734) | -800,000 |
| Purchase of property and equipment | | -73,689,000 |
| **Net cash flows used in investing activities** | **-7,916,734** | **-74,489,000** |
| **Financing activities** | | |
| Proceeds from Issuance of sponsor's funds | 0 | 200,000,000 |
| **Net cash flows from/(used in) financing activities** | **0** | **200,000,000** |
| **Cash & Cash equivalents** | | |
| Net increase or decrease in cash and cash equivalent | (679,615,619) | 348,838,015 |
| Cash and Cash equivalents as at start of the year | 875,027,529 | 526,189,514 |
| Effects of exchange rate changes on cash and cash equivalents | | |
| Cash and Cash equivalent as at end of the year | **195,411,910** | **875,027,529** |

**5. DISCLOSURE**

| Description | 2025 | 2024 |
|---|---|---|
| Solvency Coverage Ratio | 219.3 | 210% |

André RURANGANGABO
Executive Secretary

Herman BUDIGIRI
Chairperson

UBUZIMA BWIZA FOUNDATION (UBF) | 786 ST.14 Ave. Gisozi | P.O. Box: 928 Kigali-Rwanda

## ITANGAZO

**Me MUFANZARA Léonce**
**PROFESSIONAL BAILIFF**
**ADD: Muhima/Kigali, KN87St21**
**Maison Voisin, Nyabugogo- Kigali City Road**
**Near Hotel Okapi,**
**TIN: 107697039**
**Tel: +250 788297106, E-mail: mleonce05@gmail.com**

**INYANDIKO-MVUGO YO KUMENYESHA UMUNSI WO KURANGIZA URUBANZA NYIRANZABANDORA CHRISTINE UDAFITE AHO ABARIZWA HAZWI.**

Umwaka wa **2026**; Umunsi wa **06** w'Ukwezi kwa **04;**

Mbisabwe na **NDAGIJIMANA Athanase na MUKARUKAKA Marie;**
Njyewe **Me MUFANZARA Léonce**, Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga,

Hashingiwe ku Icyemezo cy'Urukiko rwa TB Nyarugenge cyo kuwa 22/12/2025; Umwanzuro w'ubuhuza hagati ya NIKUZE Liberatha; NDAGIJIMANA Atahanase na MUKARUKAKA Marie wo kuwa 18/12/2025; bigashimangirwa n'inyandiko y'umurage wa RWAMUKAZA Aloys wo kuwa 29/11/1996 arinawo wari waregewe.

Hashingiwe ku ingingo ya 46 y'itegeko No 22/2018 ryo ku wa 29/04/2018 ryerekeye imiburanishirize y'imanza z'imbonezamubano, iz'ubucuruzi,

Tumenyesheje **NYIRANZABANDORA Christine** mwene RWAMUKAZA Aloys na NYIRANGORORE Ruth ko icyemezo cy'Urukiko rwa TB Nyarugenge cyavuzwe haruguru kizashyirwa mu bikorwa kuwa **30/06/2026** saa 10h00 z'amanywa.

**Umugereka**

-Icyemezo cy'Urukiko rwa TB Nyarugenge cyo kuwa 22/12/2025;

-Umwanzuro w'ubuhuza hagati ya NIKUZE Liberatha; NDAGIJIMANA Atahanase na MUKARUKAKA Marie wo kuwa 18/12/2025;

-Umurage wa RWAMUKAZA Aloys wo kuwa 29/11/1996

**Bimenyeshejwe**

**-NDAGIJIMANA Athanase na MUKARUKAKA Marie**

Me MUFANZARA Léonce
Umuhesha w'Inkiko w'Umwuga

Me MUFANZARA Léonce LLM, DLP, LLB (0788297106)
Ishyirwa mu bikorwa ry'ibyemezo by 'inkiko nibwo butabera bwuzuye
Pas de justice sans exécution des décisions judiciaires
No justice without execution of court decisions
Nullum Sine Jus supplicium a atrium decisions

## ITANGAZO RYO GUHINDURA IZINA

**REPUBLIC OF RWANDA**
**MINISTRY OF LOCAL GOVERNMENT**

**Name Change Request**

We inform you that the named NKUNDIMANA Louange Teta, son/daughter of Nkundimana Longin and Nyinawabasindi Esperance, domiciled at Kinyana village, Nunga cell, Gahanga sector, Kicukiro district, in the City of Kigali applied for the authorization of the change of name from his current name NKUNDIMANA Louange Teta to be called NKUNDIMANA TETA LOUANGE BERNIE in the National Population Registry. The reason for the change of name is that It is a name given by my parents.

Approved by
HABIMANA Dominique
**Minister of Local Government**

Done in Kigali,
On **09/03/2026**

**Scan this code to verify this document**
OR
**Verify on irembo**
using the document no
**B260303114812V9PN**

**DISCLAIMER:** To avoid fraud, check if this document is real by searching the **document number** on Irembo before use.

Document Issued on irembo

## ITANGAZO RY'ISOKO

**ITANGAZO**

Ubuyobozi bw'Urwunge rw'Amashuri rwa **Gatagara**, ruherereye mu karere ka Huye, buramenyesha abantu bose babyifuza kandi babifitiye ubushobozi ko bushaka gutanga isoko ryo kugemura **ibiribwa, inkwi, ibikoresho by'isuku n'ibyo mu biro.** Iryo soko ryemerewe umuntu ku giti cye, itsinda cyangwa ishyirahamwe.

Igitabo gikubiyemo iryo soko ku buryo burambuye kiboneka mu bunyamabanga bw'ikigo mu masaha y'akazi guhera tariki ya **14/04/2026**, herekanywe icyemezo cy'uko hishyuwe amafaranga ibihumbi bitanu **(5000 Frw)** adasubizwa kuri konti **200 35481 001** y'Urwunge rw'Amashuri rwa Gatagara iri muri I&M Bank, cyangwa **2053** iri muri RIM Ltd.

Amabahasha afunze neza, arimo amabaruwa y'umwimerere asaba gupiganira isoko akubiyemo ibiciro na kopi yayo imwe, agomba kuba yageze mu bunyamabanga bw'icyo kigo bitarenze tariki ya **17/04/2026** saa yine z'amanywa **(10h00).** Amabahasha azafungurirwa mu ruhame kuri iyo tariki saa yine na makumyabiri z'amanywa **(10h20).**

Bikorewe i Huye ku wa 09/04/2026

**Furere Simon BIZIMANA**
Umuyobozi w'Urwunge rw'Amashuri rwa Gatagara/Huye

# Kwibuka 32: Uwumva abasenya u Rwanda aba ahemukiye Inkotanyi – Senderi

**MUTETERAZINA Shifah**

***Mu gihe u Rwanda n'Isi bibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, Umuhanzi Sennderi Hit International, yakanguriye urubyiruko kurwanya urwango, kubungabunga ibyagezweho no kubyongera, kwirinda guha urwaho abavuga amagambo asenya u Rwanda.***



**Umuhanzi Senderi akangurira urubyiruko kwirinda urwango n'amacakubiri no kurebera icyatandukanya Abanyarwanda**

Yavuze ko uwumva amagambo y'abasenya u Rwanda aba ahemukiye Inkotanyi zarurwaniye zikarumenera amaraso, zigahagarika Jenoside yakorewe Abatutsi yari imaze gutwara ubuzima bw'abasaga miliyoni mu minsi 100 gusa.

Mu kiganiro yagiranye na Imvaho Nshya, Senderi Hit yibukije urubyiruko ko badakwiye kurebera abakoma mu nkokora ibikorwa by'Ingabo zahoze ari iza RPA- Inkotanyi zahagaritse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 banakomeje kurwana urugamba rwo gusana Igihugu n'abagituye kugeza ubwo kigeze ku iterambere gifite ubu.

Uyu muhanzi abasaba kurwanya abagoreka amateka n'abarwanya ubuyobozi bw'Igihugu kandi bakamenya ko iterambere ryacyo riri mu biganza byabo, bagomba kwita ku byagezweho no kubyongera.

Yagize ati: "Icyo nabwira urubyiruko muri ibi bihe byo kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ni uko iki gihugu cy'u Rwanda Inkotanyi zagikuye munsi ya zeru. Rero rubyiruko ushatse kumva amagambo asenya u Rwanda uba uhemukiye Inkotanyi zahaye Igihugu ubuzima."

Yongeraho ati: "Kandi ndashaka kubwira uwo ari we wese ko tutazihanganira uzakomeza gushegesha Abanyarwanda apfobya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, kuko ibimenyetso birahari kandi biragaragara, miliyoni y'Abatutsi yarishwe amahanga arebera."

Uyu muhanzi akomeza avuga ko ugifite ingengabitekerezo ya Jenoside icyiza ari uko yayigumana mu mutima kuko nta mwanya w'urwango ukiri mu Banyarwanda aho ubu u Rwanda rwungutse amaboko y'urubyiruko ruharanira icyiza. Ati: "Ubu nta mwanya w'urwango kuko u Rwanda rwungutse amaboko. rubyiruko musenyere umugozi umwe, murinde ibyagezweho munabyongere."

Senderi Hit yibukije urubyiruko ibi, mu gihe Ikigo cy'Igihugu cy'Ibarurishamibare mu Rwanda (NISR) cyagaragaje ko umubare munini w'Abanyarwanda ari abavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibarura rusange rya 5 ry'Abaturage n'Imiturire (PHC 2022) yerekana ko hafi 60% by'abaturage ari urubyiruko rwavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Kuri ubu u Rwanda n'Isi yose baribuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ku nsanganyamatsiko igira iti 'Kwibuka Twiyubaka'.





# Ibyo Tom Close yishimira iyo arebye u Rwanda nyuma y'imyaka 32



**Umuhanzi Tom Close yavuye imuzi ibimushimisha muri iyi myaka 32 ishize**

**MUTETERAZINA Shifah**

***Umuhanzi Tom Close yagaragaje ibyo yishimira nyuma y'imyaka 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, ihagaritswe avuga ko mu byo yishimira harimo n'uko Abarokotse bakomeje ubuzima kandi bakiyubaka.***

Ni bimwe mu byo agarutseho mu gihe u Rwanda n'Isi muri rusange batangiye ibikorwa byo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, akagaragaza ko afite byinshi yishimira nyuma y'imyaka 32 ishize Abanyarwanda bari mu gihugu gitekanye.

Mu kiganiro kihariye yagiranye na Imvaho Nshya Tom Close avuga ko kurokoka Jenoside yakorewe Abatutsi ari ikintu kimwe ariko gukomeza ubuzima kw'abayirokotse n'ubwo bitari byoroshye ariko bikaba byarabaye.

Yagize ati: "Icyo nishimira ni uko abacitse ku icumu rya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 bakomeje kubaho, kuko kurokoka ni kimwe ariko kurokoka mu bihe udafite aho ureba kandi bitewe n'inzira igihugu cyafashe kigomba gutanga ubutabera buboneye byari byoroshye ko abantu bamwe bari kumva ko batereranywe.

Kuko yisanga nyuma y'imyaka 20 cyangwa 30 umuntu wamwiciye ababyeyi bicaranye bari kumwe cyane ko muri iki gihe n'abakatiwe iyo myaka barimo gusohoka mu magororero, ikinshimisha ni uko ubumwe bw'Abanyarwanda bwakunze n'ubwo hari ubugome bw'indengakamere bwabaye muri iki gihugu Abatutsi bakicwa bishwe n'abaturanyi, abo bashyingiranye byari byoroshye ko igihugu cyari gucikamo Kabiri."

Tom Close akomeza avuga ko ashimira cyane ubuyobozi bw'u Rwanda bwatumye Ubumwe bw'Abanyarwanda bugerwaho akavuga ko uko byagenda kose n'abakiburwanya bazatsindwa kuko nk'Abanyarwanda baba mu gihugu na bo bazabarwanya.

Ati: "Ubuyobozi na Politiki byiza dufite bibanisha Abanyarwanda ni ikimenyetso cy'uko igihe cyose abantu bishyize hamwe bashobora gukora kandi bagateza igihugu cyabo imbere n'ubwo baba bakomeretse ntibacitse intege.

Abajijwe impamvu abona itera bamwe mu bahanzi guceceka mu bihe byo kwibuka Tom Close avuga ko ari ibihe bikora ku marangamutima y'Abanyarwanda benshi bityo hari ubwo umuntu abura imbaraga zo kuvuga bisaba igihe kugira ngo umuntu abohoke.

Ati: "Bamwe bahitamo guceceka kubera y'uko ntabwo ari buri muntu ufite ubushobozi bwo kuvuga kuko hari igihe ushobora kubivuga ukabivuga nabi cyangwa ukabivuga mu marangamutima atari yo nkeka ko bamwe ari yo mpamvu baceceka."

Yongeraho ati: "Ariko ubishobojwe akwiriye gutanga ubutumwa kuko dufite ijwi kandi si impano yacu gusa riduha n'abafana kandi barariduha kandi ni na bo baba badukeneye muri icyo gihe, ni byiza rero ku mu gihe cyo kwibuka by'umwihariko kuri ino nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ibaye, dukwiye twese guhaguruka mu ijwi rimwe tugakomeza imitima icitse intege ndetse tukanamagana ingengabitekerezo ya Jenoside kuko hari aho ikigaragara."

Asoza Tom Close yahamagariye abahanzi kwifatanya n'izindi nzego mu kurwanya Ingegabitekerezo ya Jenoside n'ibindi bikorwa biganisha ku rwango cyane cyane mu bihugu bituranye n'u Rwanda kuko bikomeje guhembera urwango n'amacakubiri ku mugaragaro.



**Tom Close avuga ko aterwa ishema n'uko Abarokotse Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 biyubatse**

Imvaho Nshya
Siporo




Nº. E-56 TARIKI 7 - 13 MATA 2026 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Arsenal FC yifatanyije n'u Rwanda mu Kwibuka32

**SHEMA Ivan**

***Arsenal FC yifatanyije n'Abanyarwanda mu bihe byo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ni ubutumwa yatanze kuri uyu wa Kabiri tariki ya 7 Mata 2026, mu gihe u Rwanda rwifatanyije n'Isi mu gutangira Icyumweru cy'Icyunamo n'iminsi 100 yo Kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994. Ibinyujije ku mbuga nkoranyambaga zayo iyi kipe yo mu Bwongereza yagize iti "Uyu munsi turibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 mu Rwanda."***




Jurriën Timber yasuye u Rwanda asobanurirwa amateka igihugu cyanyuzemo n'uko cyiyubatse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994

Tariki ya 7 Mata ni Umunsi Mpuzamahanga ngarukamwaka Isi yose yibukaho Jenoside yakorewe Abatutsi yahitanye abasaga miliyoni muminsi 100 gusa. Arsenal ifitanye umubano n'u Rwanda kuko kuva muri Gicurasi 2018 Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) rwinjiye mu bufatanye n'iyi kipe yo mu Bwongereza, u Rwanda ruyibera umuterankunga wa mbere ku maboko y'imipira, aho yambara 'Visit Rwanda' ku kuboko kw'ibumoso ku ikipe nkuru, iy'abatarengeje imyaka 23 no mu ikipe y'abagore.

Mu Ugushyingo 2025, Urwego rw'Igihugu rw'Iterambere (RDB) n'iyi kipe yo mu Bwongereza batangaje ko amasezerano y'imikoranire mu kwamamaza ubukerarugendo bw'u Rwanda atazongerwa, ubwo umwaka w'imikino uzaba urangiye muri Kamena 2026.

Ni amasezerano yafashije u Rwanda mu ngeri nyinshi, aho rubasha kwinjiza amafaranga aturuka mu bukerarugendo ndetse n'isura hamwe n'amateka yarwo akarushaho kumenyekana aho abasura u Rwanda bageze kuri miliyoni 1.3 mu mwaka wa 2024, naho amafaranga avuye mu bukerarugendo akagera kuri miliyoni 650 z'amadolari ya Amerika, yiyongereyeho 47% uhereye igihe ubu bufatanye bwatangiriye.




Arsenal yifatanyije n'Abanyarwanda kwibuka ku nshuro ya 32 Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994